ITEGEKO Nº 75/2019 RYO KU WA 29/01/2020 RIKUMIRA KANDI RIHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI	LAW Nº 75/2019 OF 29/01/2020 ON PREVENTION AND PUNISHMENT OF MONEY LAUNDERING, FINANCING OF TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION	LOI Nº 75/2019 DU 29/01/2020 PORTANT PRÉVENTION ET RÉPRESSION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, DU FINANCEMENT DU TERRORISME ET DU FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier: Objet de la présente loi**
Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri tegeko	**Article 2: Scope of this Law**	**Article 2: Champ d'application de la présente loi**
Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 3: Definitions**	**Article 3: Définitions**
UMUTWE WA II: GUKUMIRA, GUTAHURA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI	**CHAPTER II: PREVENTION, DETECTION OF MONEY LAUNDERING, FINANCING OF TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION**	**CHAPITRE II: PRÉVENTION, DÉTECTION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, DU FINANCEMENT DU TERRORISME ET DU FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE**
Ingingo ya 4: Ubutasi ku mari	**Article 4: Financial intelligence**	**Article 4: Renseignements financiers**
Ingingo ya 5: Ibyemezo by'agateganyo ku mitungo ifitanye isano n'icyaha	**Article 5: Provisional measures on offence-related property or funds**	**Article 5: Mesures provisoires sur les biens ou fonds liés à l'infraction**

Ingingo ya 6: Igihe ihagarika cyangwa ifatira rikozwe n'Urwego rimara	**Article 6: Duration of freezing or seizure by the Centre**	**Article 6: Durée du gel ou de la saisie par le Centre**
Ingingo ya 7: Abashinzwe gutanga amakuru	**Article 7: Reporting persons**	**Article 7: Personnes déclarantes**
Ingingo ya 8: Ibisabwa abashinzwe gutanga amakuru	**Article 8: Obligations of reporting persons**	**Article 8: Exigences aux personnes déclarantes**
Ingingo ya 9: Kugenzura umwirondoro w'umukiriya	**Article 9: Verifying client identification**	**Article 9: Vérification de l'identification du client**
Ingingo ya 10: Umwirondoro w' umukiriya	**Article 10: Client identification**	**Article 10: Identification du client**
Ingingo ya 11: Ubushishozi ku mukiriya udahoraho	**Article 11: Due diligence on occasional client**	**Article 11: Vigilance à un client occasionnel**
Ingingo ya 12: Ubushishozi ku mukiriya ukemangwa	**Article 12: Due diligence on a suspected client**	**Article 12: Vigilance à un client suspect**
Ingingo ya 13: Gushishoza mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki	**Article 13: Due diligence in business relationships with a politically exposed person**	**Article 13: Vigilance dans les relations d'affaires avec une personne politiquement exposée**
Ingingo ya 14: Ibigomba kubahirizwa n'ikazino	**Article 14: Obligations of a casino**	**Article 14: Exigences à un casino**
Ingingo ya 15: Gukurikirana ibikorwa bimwe na bimwe ku buryo bwihariye	**Article 15: Special monitoring of certain transactions**	**Article 15: Suivi spécial de certaines opérations**
Ingingo ya 16: Kumenyekanisha ibikorwa by'ubucuruzi byishyuwe kashi	**Article 16: Declaration of cash transactions**	**Article 16: Déclaration des opérations réglées au comptant**

Ingingo ya 17: Kumenyekanisha ibikorwa by'ubucuruzi bikemangwa	**Article 17: Declaration of suspicious transactions**	**Article 17: Déclaration des opérations suspectes**
Ingingo ya 18: Kumenyekanisha amafaranga ku mupaka	**Article 18: Cross border cash declaration**	**Article 18: Déclaration d'espèces à la frontière**
Ingingo ya 19: Ibanga	**Article 19: Confidentiality**	**Article 19: Confidentialité**
Ingingo ya 20: Kubika inyandiko	**Article 20: Record-keeping**	**Article 20: Conservation des documents**
Ingingo ya 21: Guhererekanya amakuru	**Article 21: Exchange of information**	**Article 21: Échange d'informations**
Ingingo ya 22: Gusonerwa uburyozwe	**Article 22: Exemption of liability**	**Article 22: Exonération de la responsabilité**
Ingingo ya 23: Guhererekanya amafaranga	**Article 23: Money transfer**	**Article 23: Transfert de fonds**
Ingingo ya 24: Gukorera mu mucyo	**Article 24: Transparency**	**Article 24: Transparence**
Ingingo ya 25: Guca banki za baringa na konti zitagira amazina no gufata izindi ngamba zikumira	**Article 25: Prohibition of shell banks and anonymous accounts and taking of other preventive measures**	**Article 25: Interdiction des banques fictives et des comptes anonymes et prise d'autres mesures de prévention**
Ingingo ya 26: Inshingano z'urwego rugenzura	**Article 26: Responsibilities of the supervisory authority**	**Article 26: Attributions de l'autorité de supervision**
UMUTWE WA III: INAMA MPUZABIKORWA	**CHAPTER III: COORDINATION COUNCIL**	**CHAPITRE III: CONSEIL DE COORDINATION**
Ingingo ya 27: Ishyirwaho ry'Inama Mpuzabikorwa	**Article 27: Establishing a Coordination Council**	**Article 27: Création d'un Conseil de coordination**

Ingingo ya 28: Inshingano z'Inama Mpuzabikorwa	**Article 28: Mission of the Coordination Council**	**Article 28: Mission du Conseil de coordination**
UMUTWE WA IV: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPITRE IV: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE IV: INFRACTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 29: Iyezandonke	**Article 29: Money laundering**	**Article 29: Blanchiment de capitaux**
Ingingo ya 30: Gutera inkunga iterabwoba	**Article 30: Terrorism financing**	**Article 30: Financement du terrorisme**
Ingingo ya 31: Gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi	**Article 31: Financing the proliferation of weapons of mass destruction**	**Article 31: Financement de la prolifération des armes de destruction massive**
Ingingo ya 32: Ibihano biteganyirijwe umuryango ufite ubuzimagatozi	**Article 32: Penalties against a legal entity**	**Article 32: Peines applicables contre une personne morale**
Ingingo ya 33: Impamvu nkomezacyaha	**Article 33: Aggravating circumstances**	**Article 33: Circonstances aggravantes**
Ingingo ya 34: Impamvu nyoroshyacyaha	**Article 34: Mitigating circumstances**	**Article 34: Circonstances atténuantes**
Ingingo ya 35: Ibihano ku bindi byaha bifitanye isano n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi	**Article 35: Penalties for other offences related to money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction**	**Article 35: Peines pour d'autres infractions liées au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive**
Ingingo ya 36: Ubunyagwe	**Article 36: Confiscation**	**Article 36: Confiscation**

UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 37: Ikimenyetso cy'ubushake bwo gukora icyaha	**Article 37: Evidence of criminal intent**	**Article 37: Preuve de l'intention criminelle**
Ingingo ya 38: Kutabanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze	**Article 38: Non-requirement of prior conviction of predicate offence**	**Article 38: Non exigence de condamnation préalable d'une infraction principale**
Ingingo ya 39: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 39: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 39: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 40: Repealing provision**	**Article 40: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 41: Commencement**	**Article 41: Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 75/2019 RYO KU WA 29/01/2020 RIKUMIRA KANDI RIHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI	**LAW Nº 75/2019 OF 29/01/2020 ON PREVENTION AND PUNISHMENT OF MONEY LAUNDERING, FINANCING OF TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION**	**LOI Nº 75/2019 DU 29/01/2020 PORTANT PRÉVENTION ET RÉPRESSION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, DU FINANCEMENT DU TERRORISME ET DU FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT:**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Ukuboza 2019;	The Chamber of Deputies, in its session of 30 December 2019;	La Chambre des Députés, en sa séance du 30 décembre 2019;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93,	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 120, 122, 167, 168 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 120, 122, 167, 168 et 176;

106, iya 112, iya 120, iya 122, iya 167, iya 168 n'iya 176;		
Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga agamije guhagarika gutera inkunga iterabwoba, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 09 Ukuboza 1999, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 43/01 ryo ku wa 14/04/2002;	Pursuant to the International Convention for the Suppression of the Financing of Terrorism adopted by the United Nations General Assembly on 9 December 1999 ratified by Presidential Order n° 43/01 of 14/04/2002;	Vu la Convention internationale pour la répression du financement du terrorisme, adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies le 09 décembre 1999 ratifiée par Arrêté Présidentiel n°43/01 du 14/04/2002;
Ishingiye ku Masezerano agamije guca burundu igeragezwa ry'intwaro za kirimbuzi yashyiriweho umukono i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 10/09/1996, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 32 bis/01 ryo ku wa 17/10/2003;	Pursuant to the Comprehensive Nuclear Test Ban Treaty signed at New York, United States of America on 10/09/1996 ratified by Presidential Order n° 32 bis/01 of 17/10/2003;	Vu le Traité d'interdiction complète des essais nucléaires signé à New York, États Unis d'Amérique le 10/09/1996 ratifié par Arrêté Présidentiel n° 32 bis/01 du 17/10/2003;
Ishingiye ku Masezerano aca itegurwa, ikorwa, ihunikwa n'ikoreshwa ry'intwaro z'uburozi akanagena isenywa ryazo yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa ku wa 13/01/1993, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 32 ter/01 ryo ku wa 17/10/2003;	Pursuant to the Convention on the prohibition of the development, production, stockpiling and use of chemical weapons and on their destruction signed in Paris, France, on 13/01/1993 ratified by Presidential Order nº 32 ter/01 of 17/10/2003;	Vu la Convention sur l'interdiction de la mise au point, de la fabrication, du stockage et de l'emploi des armes chimiques et sur leur destruction signée à Paris, France, le 13/01/1993 ratifiée par Arrêté Présidentiel nº32 ter/01 du 17/10/2003;
Ishingiye ku Masezerano agamije kugira Afurika umugabane utarangwamo intwaro za kirimbuzi yashyiriweho umukono i Addis Ababa muri Etiyopiya mu 1995, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 60/01 ryo ku wa 28/12/2004;	Pursuant to the African-Weapons-Free Zone Treaty signed in Addis Ababa, Ethiopia, in 1995 ratified by Presidential Order n° 60/01 of 28/12/2004;	Vu le Traité sur la zone exempte d'armes nucléaires en Afrique signé à Addis-Abeba, Éthiopie en 1995 ratifié par Arrêté Présidentiel n° 60/01 du 28/12/2004;

Ishingiye ku Masezerano yemerera u Rwanda kuba kimwe mu bihugu bigize Umuryango ugamije Kurwanya Iyezandonke muri Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo (ESAAMLG) yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 33/01 ryo ku wa 24/01/2018;	Pursuant to the Agreement of accession of Rwanda to the Eastern and Southern Africa Anti-Money Laundering Group (ESAAMLG) ratified by Presidential Order n° 33/01 of 24/01/2018;	Vu l'Accord d'adhésion du Rwanda au Groupe anti-blanchiment d'argent de l'Afrique orientale et australe (ESAAMLG) ratifié par Arrêté Présidentiel n° 33/01 du 24/01/2018;
Isubiye ku Itegeko n° 69/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rikumira kandi rihana icyaha cy'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	Having reviewed Law n° 69/2018 of 31/08/2018 on prevention and punishment of money laundering and terrorism financing;	Revu la Loi n° 69/2018 du 31/08/2018 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE:**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier: Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigamije gukumira no guhana: 1º iyezandonke; 2º gutera inkunga iterabwoba; 3º gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	This Law aims at preventing and punishing: 1º money laundering; 2º financing of terrorism; 3º financing of proliferation of weapons of mass destruction.	La présente loi a pour objet de prévenir et de réprimer: 1º le blanchiment de capitaux; 2º le financement du terrorisme; 3º le financement de la prolifération des armes de destruction massive.

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri tegeko	**Article 2: Scope of this Law**	**Article 2: Champ d'application de la présente loi**
Iri tegeko rireba umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi, mu rwego rw'imirimo bakora, bayobora, bagenzura cyangwa batanga inama ku byerekeranye no kubitsa, kuvunjisha, gushora imari, guhindura cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwimura amafaranga cyangwa undi mutungo.	This Law applies to any individual or legal person that, in the framework of his or her profession, conducts, controls or advises on transactions involving deposits, exchanges, investments, conversions or any other movement of capital or other property.	La présente loi s'applique à toute personne physique ou morale qui, dans l'exercice de sa profession, exerce, dirige, contrôle ou donne des conseils sur des opérations de dépôt, de change, d'investissement, de conversion ou tout autre mouvement de capitaux ou d'autre patrimoine.
Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 3: Definitions**	**Article 3: Définitions**
Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Law, the following terms have the following meanings:	Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:
1° **guhagarika cyangwa gufatira:** kubuza by'agateganyo ihererekanya, ihindurwa, itangwa cyangwa iyimurwa ry'umutungo cyangwa gufata uwo mutungo nk'ufungiye ahantu by'agateganyo cyangwa ucungwa bishingiye ku cyemezo cyafashwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;	1° **freezing or seizure:** temporarily prohibiting the transfer, conversion, disposition or movement of property or funds or temporarily assuming custody or control of property or funds on the basis of an order issued by a competent authority;	1° **gel ou saisie:** le fait d'interdire temporairement le transfert, la modification, la disposition ou le déplacement des biens ou fonds ou d'assumer temporairement une détention ou contrôle des biens ou fonds sur base d'une décision prise par une autorité compétente;
2° **gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi:**	2° **financing of the proliferation of weapons of mass destruction:**	2° **financement de la prolifération des armes de destruction massive:**
a. gutanga umutungo wo gukora, gutunga, kugura, kubika, gutunganya, kohereza, gucuruza, kugemura, guhererekanya,	a. providing property or funds for the manufacture, production, possession, acquisition, stockpiling, development, transportation, sale, supply, transfer,	a. fourniture des biens ou fonds pour fabrication, production, possession, acquisition, stockage, développement, transport, vente, fourniture, transfert,

gutumiza mu mahanga, kohereza mu mahanga, kwikorera cyangwa gukoresha intwaro zihumanya, iz'uburozi, izica ibinyabuzima, n'ibindi bikoresho byateganywa, bifitanye isano n'izo ntwaro;	import, export, transhipment or use of nuclear weapons, chemical weapons, biological weapons and such other materials, as may be prescribed, which are related to nuclear weapons, chemical weapons or biological weapons;	importation, exportation, transbordement ou utilisation des armes nucléaires, chimiques, biologiques et autres, selon le cas, prescrites, qui sont liées aux armes nucléaires, chimiques ou biologiques;
b. gutanga amahugurwa ya tekiniki, umutungo, serivisi mu by'imari, inama, serivisi, ubuhuza cyangwa inkunga bifitanye isano n'ibikorwa bivugwa mu gace ka a;	b. providing technical training, property or funds, financial service, advice, service, brokering or assistance related to any of the activities specified in point a;	b. fourniture d'une formation technique, des biens ou fonds, d'un service financier, d'un conseil, d'un service, d'un courtage ou d'une assistance relative à l'une des activités spécifiées au point a;
3º **gutera inkunga iterabwoba:** igikorwa gikozwe mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi, bakagikorera ukora iterabwoba cyangwa umutwe w'iterabwoba, mu gutanga, gukusanya, gucunga umutungo, gutanga inama, kwigisha, gutoza bagamije kubona umutungo, uwo mutungo ushobora gukoreshwa, bazi cyangwa bashoboraga kumenya ko wose cyangwa igice cyawo bigamije gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba;	3º **financing of terrorism**: an act committed directly or indirectly by a natural or legal person, on behalf of a terrorist or terrorist organisation in giving, collecting or managing property or funds, offering advice, teaching, training in order to acquire property or funds that may be used, knowing or is likely to know that they are intended to be used, in whole or in part in terrorism activities;	3º **financement du terrorisme**: un acte commis directement ou indirectement par une personne physique ou morale au nom d'un terroriste ou d'une organisation terroriste en donnant, en collectant ou en gérant des biens ou fonds, en donnant des conseils, en enseignant, en entrainant afin d'acquérir des biens ou fonds, qui peuvent être utilisés, sachant ou étant susceptible de savoir qu'ils sont destinés à être utilisés, en tout ou en partie, dans des activités de terrorisme;
4º **icyaha cy'ibanze:** icyaha icyo ari cyo cyose gikomokaho indonke ishobora gukoreshwa icyaha;	4º **predicate offence**: any offence as a result of which proceeds have been generated that may be used to commit an offence;	4º **Infraction sous-jacentes:** toute infraction par suite de laquelle est généré un produit qui pouvant être utilisé pour commettre une infraction;

5º **ikazino:** ahantu hakinirwa imikino y'amahirwe inyuranye harimo iyo ku meza, iy'imashini y'ibiceri n'ibindi bikoresho bishobora kongerwamo ndetse n'isaba ubumenyi bwihariye mu irushanwa;	5º **casino:** a place where various gambling games are played including table games, slot machines and other devices which may be added and others which require special knowledge in competition;	5º **casino:** lieu où se jouent différents jeux de hasard y compris les jeux de table, les machines à sous ou d'autres dispositifs qui peuvent être ajoutés et d'autres qui nécessitent des connaissances spéciales en matière de compétition;
6º **ikigo cy'imari:** ikigo gifite ubuzimagatozi gikorera cyangwa gikora mu izina ry'umukiriya kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa bikurikira:	6º **financial institution**: a legal person who conducts as a business one or more of the following activities or operations for or on behalf of a customer:	6º **institution financière**: une personne morale qui exerce à titre commercial au nom d'un client ou pour son compte une ou plusieurs des activités ou opérations suivantes:
a. kwakira amafaranga n'indi mitungo isubizwa biturutse mu bantu;	a. acceptance of deposits and other repayable funds from the public;	a. acceptation de dépôts et d'autres fonds remboursables du public;
b. kuguriza;	b. lending;	b. prêts;
c. ikodeshagurisha;	c. financial leasing;	c. crédit-bail;
d. serivisi zijyanye no kohereza amafaranga cyangwa ibicuruzwa;	d. money or value transfer services;	d. services de transfert de fonds ou de valeurs;
e. gutanga no gucunga uburyo bukoreshwa mu kwishyura;	e. issuing and managing means of payment;	e. émission et gestion de moyens de paiement;
f. gutanga ingwate n'imyenda;	f. financial guarantees and commitments;	f. octroi de garanties et souscriptions d'engagements;
g. kugura no kugurisha ibicuruzwa ku isoko ry'amafaranga n'iry'ivunjisha, inyandiko z'igipimo cy'inyungu	g. trading in money market instruments, foreign exchange, interest rate and	g. négociation d'instruments du marché monétaire et sur le marché des changes, de taux d'intérêt et

n'iz'agaciro k'imitungo yimukanwa, inyandiko mvunjwafaranga zihererekanywa ku isoko ry'imigabane, amasezerano ku bicuruzwa ageze igihe cyo kwishyura;	index instruments, transferable securities, commodity futures trading;	d'indice de valeurs mobilières, de contrats à terme sur marchandises;
h. gukora ibijyanye n'impapuro z'agaciro no gutanga serivisi z'imari zijyanye n'ubwo bucuruzi;	h. participation in securities issues and the provision of financial services related to such issues;	h. participation à des émissions de valeurs mobilières et prestation de services financiers connexes;
i. gucunga umutungo w'umuntu ku giti cye cyangwa w'ishyirahamwe;	i. management of individual or collective property or funds;	i. gestion des biens ou fonds individuels ou collectifs;
j. kubika neza no gucunga amafaranga cyangwa impapuro z'agaciro mu izina ry'abandi bantu;	j. safekeeping and administration of cash or liquid securities on behalf of other persons;	j. conservation et administration de valeurs mobilières, en espèces ou liquides, pour le compte d'autrui;
k. ibindi bikorwa by'ishoramari, byo gukoresha no gucunga indi mitungo cyangwa amafaranga mu izina ry'undi muntu;	k. otherwise investing, administering or managing other properties or money on behalf of other persons;	k. autres opérations d'investissement, d'administration ou de gestion d'autre bien ou d'argent pour le compte d'autrui;
l. kwishingira no gushyira amafaranga mu bigega by'ubwiteganyirize ku buzima no gukora ibindi bikorwa bijyanye no kwiteganyiriza kimwe n'abahuza babo;	l. underwriting and placement of life insurance and other investment related insurance as well as their intermediaries;	l. souscription et placement d'assurances vie et d'autres produits d'assurances relatifs à l'investissement ainsi qu'à leurs intermédiaires;
m. ivunjisha ry'amafaranga;	m. money and currency changing;	m. change monétaire;

n. ikindi gikorwa cyagenwa n'urwego rubifitiye ububasha.	n. any other activity that the competent authority may determine.	n. toute autre activité que l'autorité compétente peut déterminer.
7º **indonke zikomoka ku cyaha:** umutungo ukomoka cyangwa utunzwe, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye binyuze mu ikorwa ry'icyaha;	7º **proceeds of crime**: property or funds derived from or obtained, directly or indirectly, through the commission of an offence;	7º **produits du crime:** biens ou fonds provenant ou obtenus, directement ou indirectement, de la commission d'une infraction;
8º **inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite:** inyandiko zifite agaciro k'amafaranga zanditse kuri nyirazo nka sheki zo mu ngendo mu mahanga, inyandiko mvunjwafaranga zaba izanditse kuri nyirazo cyangwa zanditseho undi muntu inyuma ufite uburenganzira busesuye, izakozwe nta nyirazo uzwi cyangwa izikozwe mu buryo zahita zihererekanywa; inyandiko mvunjwafaranga zituzuye ziriho umukono ariko izina ry'uwo zigenewe ritaravuzwe;	8º **bearer negotiable instruments**: monetary instruments in bearer form such as traveller's cheques, negotiable instruments that are either in bearer form, endorsed without restriction, made out to a fictitious payee, or otherwise in such form that title thereto passes upon delivery; incomplete negotiable instruments signed but with the payee's name omitted;	8º **titres négociables au porteur**: instruments monétaires au porteur tels que les chèques de voyage, les instruments négociables qui sont soit au porteur, endossés sans restriction, établis à un bénéficiaire fictif, soit sous une autre forme qui transfèrent le titre dès leur livraison; instruments négociables incomplets signés mais sans mentionner le nom du bénéficiaire;
9º **iyezandonke:**	9º **money laundering:**	9º **blanchiment de capitaux:**
a. guhindura, kohereza cyangwa gufata umutungo, nyir'ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko uturuka ku cyaha cyangwa ku gikorwa cyo kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	a. the conversion, transfer or handling of property or funds whose perpetrator knows or is likely to know that such property or funds is the proceeds of crime or it derives from an act of participation in such crime;	a. la conversion, le transfert ou la détention de biens ou de fonds dont l'auteur sait ou est susceptible de savoir qu'ils proviennent d'un produit d'une infraction ou de la participation à la commission de cette infraction;

b. guhisha, kutagaragaza imiterere nyayo, inkomoko, ahabarizwa umutungo, kuwimura, kwikuraho umutungo, kuwutanga, guhisha nyiri umutungo nyawe cyangwa uwufiteho uburenganzira, nyiri ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko uwo mutungo ari indonke ituruka ku cyaha cyangwa uturuka ku kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	b. the concealment, disguise of the true nature, origin, location, movement, disposition, donation, disguise of the beneficial owner of the property or funds or the person having rights on it, knowing or likely to know that such a property or funds is proceeds of crime or from an act of participation in such crime;	b. la dissimulation, le déguisement de la nature, de l'origine, du lieu, du mouvement, de la disposition, de la donation ou de la dissimulation du bénéficiaire effectif de biens ou de fonds ou de l'ayant-droit, sachant ou étant susceptible de savoir que ces biens ou fonds est un produit d'une infraction ou de la participation à la commission de cette infraction;
c. kwegukana, gutunga cyangwa gukoresha umutungo uzi cyangwa ushobora kumenya, mu gihe cyo kuwakira, ko uwo mutungo ukomoka ku cyaha cyangwa uturuka ku kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	c. acquisition, possession or use of property or funds the author knows or is likely to know, at the time of reception, that such a property or funds is derived from proceeds of crime or from an act of participation in such crime;	c. acquisition, possession ou utilisation de biens ou de fonds dont l'auteur sait ou est susceptible de savoir, au moment de la réception, que ces biens ou fonds proviennent d'un produit d'une infraction ou de la participation à la commission de cette infraction;
d. kugira uruhare, kwishyira hamwe cyangwa gucura umugambi wo gukora icyaha, ubwinjiracyaha, gufasha, gushuka, gutegera, korohereza cyangwa gutanga inama mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu bivugwa mu gace ka a), aka b) n'aka c).	d. participation in, association with or conspiracy to commit, attempt to commit, aiding, inciting, abetting, facilitating or counselling the commission of any of the acts mentioned in point a), b) and c).	d. la participation à la commission, l'association ou la conspiration pour commettre, la tentative de perpétrer, d'aider, d'inciter, d'encourager, de faciliter ou de conseiller quelqu'un de commettre l'un des actes visés aux sous-points a), b) et c).
Haba habaye iyezandonke nubwo ibikorwa by'ibanze biganisha ku kwegukana, kwikuraho cyangwa kohereza umutungo ugamije kwezwa cyangwa gukingira ikibaba	Money laundering is committed even if the original acts leading to the acquisition, disposition or transfer of the property or funds	Il y a blanchiment de capitaux même si les faits qui sont à l'origine de l'acquisition, de la disposition ou du transfert de biens ou fonds à

uwakoze icyo cyaha, byaba byakorewe ku butaka bw'ikindi gihugu;	to be laundered or the protection of the offender, are carried out on the territory of a third State;	blanchir ou de la protection de l'auteur, sont commis sur le territoire d'un État tiers;
10º **Inama Mpuzabikorwa:** Komite y'Igihugu ishinzwe gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	10º **Coordination Council**: national committee on the prevention and fight against money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	10º **conseil de coordination**: comité national de prévention et de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
11º **Minisitiri**: Minisitiri ufite imari mu nshingano;	11º **Minister**: Minister in charge of finance;	11º **Ministre**: Ministre ayant les finances dans ses attributions;
12º **nyiri umutungo nyawe:** umuntu ku giti cye utunze ku buryo nyakuri cyangwa se ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cyakorewe. Harimo kandi abantu bagenzura by'ukuri umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa undi muryango ushingiye ku masezerano;	12º **beneficial owner:** a natural person who ultimately owns or controls a customer or the natural person on whose behalf a transaction is being conducted. It also includes those persons who exercise ultimate effective control over a legal person or legal arrangement;	12º **bénéficiaire effectif:** la personne physique qui possède ou contrôle en définitive un client ou la personne physique pour le compte de laquelle une transaction est effectuée. Cela inclut également les personnes qui exercent un contrôle ultime effectif sur une personne morale ou une construction juridique;
13º **umukiriya:** umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi: a. ufungura cyangwa ufungurirwa konti; b. ufite ububasha bwo gushyira umukono kuri iyo konti;	13º **client:** an individual or legal person who: a. opens an account or in the name of whom an account is opened; b. has the power to sign on that account;	13º **client**: une personne physique ou morale qui: a. ouvre un compte ou au nom de laquelle un compte est ouvert; b. a le pouvoir de signer sur ce compte;

c. ushyira, wohereza cyangwa wohererezwa amafaranga binyujijwe kuri iyo konti;	c. deposits, transfers or receives money on that account;	c. dépose, transfère ou reçoit l'argent sur ce compte;
d. wemerewe kugira icyo akora kuri iyo konti;	d. is authorised to conduct transactions on that account;	d. est autorisée à mener des opérations sur le compte;
e. ufitanye ubucuruzi cyangwa ukoranye igikorwa cy'ubucuruzi kidahoraho n'ushinzwe gutanga amakuru.	e. has business relations or occasional transaction with the reporting person.	e. a des relations commerciales ou entretient une transaction occasionnelle avec la personne déclarante.
14° **umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki:** umuntu wese ushinzwe cyangwa wigeze gushingwa imirimo ikomeye ya Leta mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu, abagize umuryango we, abandi bantu basangiye inyungu cyangwa se bafite ibyo bahuriyeho mu by'ubucuruzi cyangwa mu by'imari;	14° **politically exposed person**: any person who is or has been entrusted with prominent public functions in Rwanda or in other countries, including his or her family members or other persons who are his or her close associates or have business or financial relationships with him or her;	14° **une personne politiquement exposée**: toute personne qui exerce ou a exercé au Rwanda ou dans d'autres pays d'importantes fonctions publiques, y compris les membres de sa famille ou les personnes qui lui sont étroitement associées ou qui ont des relations commerciales ou financières avec elle;
15° **umuryango ufite ubuzimagatozi:** isosiyete, koperative, ikigo, umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mvamahanga utari uwa Leta n'umuryango ushingiye ku myemerere bifite ubuzimagatozi;	15° **legal entity**: company, cooperative, institution, national non-governmental organisation, international non-governmental organisation and faith-based organisation with legal personality;	15° **personne morale**: société, coopérative, établissement, organisation nationale non gouvernementale, organisation internationale non gouvernementale et organisation fondée sur la foi ayant une personnalité juridique;
16° **umutungo:** icyo umuntu atunze icyo ari cyo cyose, cyaba gifatika cyangwa kidafatika, cyimukanwa cyangwa kitimukanwa, uko yaba yarakibonye	16° **property or funds**: assets of every kind, whether tangible or intangible, movable or immovable, however acquired, and legal documents or instruments in any form,	16° **biens ou fonds**: avoirs de toute nature, corporels ou incorporels, mobiliers ou immobiliers, quel que soit leur mode d'acquisition et les documents ou

kose, kimwe n'inyandiko zemewe n'amategeko cyangwa inyandiko z'ubwoko ubwo ari bwo bwose, zirimo inyandiko koranabuhanga zigaragaza icyemezo cy'umutungo cyangwa inyungu umuntu afite muri wo, zirimo inguzanyo za banki, sheki zo mu ngendo mu mahanga, sheki za banki, inyandiko zitegeka kwishyura, imigabane, inyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari, inyandiko nyemezamwenda, inyandiko zifashishwa mu mabanki, inyandiko mpeshanguzanyo;	including electronic or digital, evidencing title to or interest in such assets, including, bank credits, travellers' cheques, bank cheques, money orders, shares, securities, bonds, bank drafts, letters of credit;	instruments juridiques sous quelque forme que ce soit, y compris sous forme électronique ou numérique, attestant le droit de propriété ou intérêts sur ces avoirs, y compris les crédits bancaires, chèques de voyage, chèques bancaires, ordres de paiement, actions, valeurs mobilières, obligations, traites bancaires, lettres de crédit;
17º **Urwego:** Urwego rushinzwe ubutasi ku mari;	17º **Centre**: Financial Intelligence Centre;	17º **Centre**: Centre de renseignement financier ;
18º **urwego rubifitiye ububasha:** urwego rufite mu nshingano kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, harimo:	18º **competent authority**: authority responsible for combating money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction including:	18º **autorité compétente**: organe ayant dans ses attributions la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris:
a. urwego rushinzwe ubutasi ku mari;	a. centre in charge of financial intelligence;	a. le centre chargé de renseignement financier;
b. urwego rushinzwe ubugenzacyaha;	b. authority in charge of investigation;	b. l'autorité chargée des investigations;
c. urwego rushinzwe ubushinjacyaha;	c. authority in charge of prosecution;	c. l'autorité chargée des poursuites judiciaires;

d. urwego rwakira amakuru ku mafaranga yambukanwa imipaka n'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite;	d. authority receiving reports on cross-border transportation of currency and bearer negotiable instruments;	d. l'autorité qui reçoit des rapports sur le transport transfrontalier de monnaie et d'instruments négociables au porteur;
e. urwego rugenzura;	e. supervisory authority;	e. l'autorité de supervision;
f. urwego rufite ububasha bwo gufatira cyangwa guhagarika no kunyaga imitungo ifitanye isano n'icyaha;	f. authority having the power to seize or freeze and confiscate offence related property or funds;	f. l'autorité ayant le pouvoir de saisir, de geler et de confisquer les biens ou fonds liés à l'infraction;
19º **urwego rugenzura:** urwego rubifitiye ububasha rushinzwe gushyiraho amabwiriza agenga abashinzwe gutanga amakuru, kubagenzura cyangwa gukurikirana imikorere yabo.	19º **supervisory authority:** competent authority in charge of regulating, supervising, controlling or monitoring the functioning of reporting persons.	**18° autorité de supervision:** autorité compétente chargée de règlementer, superviser, contrôler ou faire le suivi du fonctionnement des personnes déclarantes.
UMUTWE WA II: GUKUMIRA, GUTAHURA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI	**CHAPTER II: PREVENTION, DETECTION OF MONEY LAUNDERING, FINANCING OF TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION**	**CHAPITRE II: PRÉVENTION, DÉTECTION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, DU FINANCEMENT DU TERRORISME ET DU FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE**
Ingingo ya 4: Ubutasi ku mari	**Article 4: Financial intelligence**	**Article 4: Renseignements financiers**
Ubutasi ku mari bukorwa n'Urwego hagamijwe gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	Financial intelligence is carried out by the Centre for the purpose of preventing and countering money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction.	Les renseignements financiers sont menés par le Centre afin de prévenir et combattre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive.

Ingingo ya 5: Ibyemezo by'agateganyo ku mitungo ifitanye isano n'icyaha	**Article 5: Provisional measures on offence-related property or funds**	**Article 5: Mesures provisoires sur les biens ou fonds liés à l'infraction**
Urwego rufite ububasha bwo guhagarika no gufatira imitungo rugomba guhagarika ako kanya imitungo iyo rufite impamvu zo gukeka ko iyo mitungo ikomoka ku cyaha.	The authority having the power to freeze or seize property or funds must immediately freeze or seize property or funds when there are reasons to suspect that such property or funds are proceeds of crime.	L'autorité ayant le pouvoir de geler ou de saisir doit immédiatement geler ou saisir les biens ou fonds lorsqu'il existe des raisons de suspecter que ces biens ou fonds sont un produit d'une infraction.
Imitungo igomba guhagarikwa cyangwa gufatirwa irimo:	Property or funds to be frozen or seized include:	Les biens ou fonds devant être gelés ou saisis comprennent:
1º umutungo wejejwe;	1º property or funds laundered;	1º les biens ou fonds blanchis;
2º indonke zikomoka ku iyezandonke cyangwa ibyaha by'ibanze;	2º proceeds from money laundering or predicate offences;	2º les produits du blanchiment de capitaux ou des infractions principales;
3º inyandiko zakoreshejwe cyangwa zendaga gukoreshwa mu iyezandonke cyangwa ibyaha by'ibanze;	3º instrumentalities used in or intended for use in money laundering or predicate offences;	3º les instruments utilisés ou destinés à être utilisés dans le blanchiment de capitaux ou les infractions principales;
4º imitungo ikomoka ku gutera inkunga iterabwoba, ibikorwa by'ubwihebe cyangwa imitwe y'iterabwoba, kimwe no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	4º property or funds from the financing of terrorism, terrorist acts or terrorist organisations, as well as the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	4º les biens ou fonds provenant du financement du terrorisme, d'actes terroristes ou d'organisations terroristes, ainsi que du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
5º imitungo yakoreshejwe cyangwa iyo bashakaga gukoresha mu gutera inkunga iterabwoba, ibikorwa by'ubwihebe cyangwa imitwe y'iterabwoba, kimwe no gutera	5º property or funds used in, or intended for use in, the financing of terrorism, terrorist acts or terrorist organisations, as well as the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	5º biens ou fonds utilisés ou destinés à être utilisés pour le financement du terrorisme, d'actes terroristes ou d'organisations terroristes, ainsi que pour le financement de

inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;		la prolifération des armes de destruction massive;
6º imitungo ifite agaciro nk'ak'imitungo ifitanye isano n'icyaha mu gihe imitungo ifitanye isano n'icyaha idashoboye kuboneka.	6º property or funds of corresponding value in absence of offence-related properties or funds.	6º biens ou fonds de valeur correspondante en cas d'absence des biens ou fonds liés à l'infraction.
Urwego rufite ububasha bwo guhagarika cyangwa gufatira imitungo, rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'umuntu usaba uburenganzira bwe ku mutungo, rushobora gukuraho icyemezo gihagarika cyangwa gifatira. Urukiko rubifitiye ububasha na rwo rushobora gufata icyemezo gikuraho ihagarika cyangwa ifatira.	The authority having the power to freeze or seize on its own initiative or on the request of a person claiming rights to the property or funds may lift the freezing or seizure decision. The competent court may also issue a lifting order of freezing or seizure.	L'autorité ayant le pouvoir de geler ou de saisir, de sa propre initiative ou à la demande d'une personne qui revendique ses droits sur les biens ou fonds, peut lever la décision de gel ou de saisie. La juridiction compétente peut également émettre une ordonnance de mainlevée de gel ou de saisie.
Ingingo ya 6: Igihe ihagarika cyangwa ifatira rikozwe n'Urwego rimara	**Article 6: Duration of freezing or seizure by the Centre**	**Article 6: Durée du gel ou de la saisie par le Centre**
Urwego rushobora gufata icyemezo cyo guhagarika cyangwa gufatira umutungo cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi bitewe n'imbaraga igikorwa cy'ubucuruzi gifite cyangwa ubwihutirwe bwo kukigenzura kandi rugahita rumenyesha ushinzwe gutanga amakuru icyemezo cyafashwe.	The Centre may decide to freeze or seize property or funds or transactions for a period of not more than three (3) working days depending on the gravity of a transaction and the urgency to verify it and immediately communicate to the reporting person the decision taken.	Le Centre peut décider de geler ou de saisir des biens ou fonds ou des opérations pour une période ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables, en fonction de la gravité de la transaction et de l'urgence de la vérifier et communiquer immédiatement à la personne déclarante la décision prise.
Muri icyo gihe, iyo impamvu zashingiweho kugira ngo hakekwe ko habaye iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga	During this time, when reasons for the basis of presumption of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of	Pendant cette période, lorsque les motifs sur la présomption de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement

gukwirakwiza intwaro za kirimbuzi zifite ishingiro, Urwego rushyikiriza dosiye urwego rushinzwe ubugenzacyaha. Iyo nta mpamvu zihari, icyemezo cyo guhagarika cyangwa gufatira gikurwaho umwanzuro ufashwe ukamenyeshwa ushinzwe gutanga amakuru.	weapons of mass destructions are founded, the Centre refers the case to the authority in charge of investigation. In case of no founded reasons, the freezing or seizure decision is lifted and the reporting person is informed accordingly.	de la prolifération des armes de destruction massive sont fondés, le Centre saisit l'autorité chargée des investigations. En cas d'absence de motifs fondés, la décision de gel ou de saisie est levée et la personne déclarante en est informée.
Ingingo ya 7: Abashinzwe gutanga amakuru	**Article 7: Reporting persons**	**Article 7: Personnes déclarantes**
Muri iri tegeko, abashinzwe gutanga amakuru ni aba bakurikira:	In this Law, the reporting persons are the following:	Dans la présente loi, les personnes déclarantes sont les suivantes:
1 º Banki Nkuru y'u Rwanda;	1° the National Bank of Rwanda;	1° la Banque Nationale du Rwanda;
2 º Ikigo cy'imari;	2° a financial institution;	2° une institution financière;
3 º Isosiyete y'itumanaho itanga serivisi zo guhererekanya amafaranga;	3° a telecommunication company that provides money transfer services;	3° une société de télécommunication qui offre des services de transfert de fonds;
4 º Umuntu ukora imirimo yigenga mu by'amategeko, igihe ahagarariye cyangwa afasha abakiriya be hanze y'inkiko, by'umwihariko mu rwego rw'ibikorwa bikurikira:	4° a member of private legal practice, when he or she represents or assists his or her clients outside of a legal proceeding, in particular within the framework of the following activities:	4° un membre d'une profession juridique libérale, lorsqu'il représente ou assiste ses clients en dehors de toute procédure judiciaire, notamment dans le cadre des activités suivantes:
a. kugura no kugurisha umutungo, amasosiyete y'ubucuruzi cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi;	a. to buy and sell properties, companies or businesses;	a. acheter et vendre des biens, des sociétés commerciales ou des activités commerciales;

b. gucunga amafaranga, inyandiko mvunjwafaranga n'indi mitungo by'umukiriya;	b. to manage money, negotiable instruments and other assets belonging to the client;	b. gérer l'argent, les titres négociables ou d'autres actifs appartenant au client;
c. gufunguza no gucunga konti zo kubikurizaho, konti zo kuzigama cyangwa konti z'inyandiko z'agaciro;	c. to open and manage current, savings or securities accounts;	c. ouvrir ou gérer les comptes bancaires courants, comptes d'épargne ou les comptes des titres;
d. gushyiraho, gucunga cyangwa kuyobora amasosiyete y'ubucuruzi, ibigega by'ubwizerane cyangwa indi miryango iteye nka byo, cyangwa se gukora ibindi bijyanye n'imari.	d. creation, management or directing of companies, trusts or other similar ventures or the execution of any other financial transactions.	d. constitution, gestion ou direction de sociétés commerciales, de fiducies ou de structures similaires ou exécution d'autres opérations financières.
5 º umugenzuzi w'imari, umubaruramari n'umujyanama mu by'imisoro;	5° auditor, accountant and tax advisor;	5° auditeur, comptable et conseiller en matière fiscale;
6 º umuntu uhuza abaguzi n'abagurisha mu mirimo yerekeranye n'imitungo itimukanwa;	6° real estate agent;	6° agent immobilier;
7 º umucuruzi w'ibyuma n'amabuye by'agaciro;	7° dealer in precious metals and dealers in precious stones;	7° négociant en métaux précieux et pierres précieuses;
8 º umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ikwirakwiza amafaranga;	8° natural person, institution or company involved in the business of distributing money;	8° personne physique, institution ou société commerciale engagées dans les affaires de distribution d'argent;
9 º ikazino n'ibigo bikoresha tombora zo mu rwego rw'igihugu;	9° casino and national lotteries gaming halls;	9° casino et les établissements de jeux de hasard de loteries nationales;

10 º imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango mvamahanga itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere;	10° national non-governmental organisations, international non-governmental organisations and faith-based organisations;	10° organisations non-gouvernementales nationales, organisations internationales non gouvernementales et organisations fondées sur la foi;
11 º umuntu utanga serivisi ku bigega by'ubwizerane na sosiyete z'ubucuruzi;	11° trust and company service provider;	11° prestataire de services aux fiducies et sociétés commerciales;
12 º abandi bashinzwe gutanga amakuru bashobora kugenwa n'iteka rya Minisitiri.	12° other reporting persons that may be determined by an Order of the Minister.	12° autres personnes déclarantes pouvant être désignées par l'arrêté du Ministre.
Urwego rubifitiye ububasha rufite ububasha bwo gutegeka abashinzwe gutanga amakuru bavugwa muri iyi ngingo kuruha inyandiko n'amakuru bya ngombwa.	A competent authority has the power to compel the production of necessary documents and information from reporting persons referred to in this Article.	Une autorité compétente a le pouvoir d'obliger les personnes déclarantes visées au présent article à produire des documents et informations nécessaires.
Ingingo ya 8: Ibisabwa abashinzwe gutanga amakuru	**Article 8: Obligations of reporting persons**	**Article 8: Exigences aux personnes déclarantes**
Abashinzwe gutanga amakuru bagomba:	Reporting persons must:	Les personnes déclarantes doivent:
1º kumenya, gusuzuma, gukurikirana, gucunga no gufata ingamba zikwiye mu kugabanya ibyatuma habaho iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ndetse no gukoresha isesengura rishingiye ku ngorane;	1º identify, assess, monitor, manage and take appropriate measures in mitigating risks of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction and apply risk-based approach;	1º identifier, évaluer, surveiller, gérer et prendre des mesures adéquates pour atténuer les risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive et utiliser l'approche basée sur les risques;

2º gushyiraho no gukomeza gahunda zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba n'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. Muri izo gahunda harimo:	2º develop and maintain programmes for combating money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction. These programmes include:	2º mettre au point et entretenir des programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive. Ces programmes comprennent:
a. gushyiraho cyangwa kunoza politiki, amabwiriza ngengamikorere, igenzura n'uburyo bw'imikorere harimo ingamba z'igenzuramikorere mu itangwa ry'akazi hagamijwe gusuzuma ko gatangwa hubahirijwe ibisabwa;	a. the setting up or improvement of policies, procedures, controls and systems, including recruitment supervision mechanisms to check whether recruitment requirements are satisfactorily complied with;	a. la mise en place ou l'amélioration des politiques, des procédures, des contrôles internes et des systèmes, y compris des mécanismes de supervision de recrutement pour s'assurer du respect des conditions de recrutement;
b. gushyiraho ku rwego rw'ubuyobozi, uburyo bwo gukurikirana iyubahiriza ry'amategeko;	b. setting up at the management level, modalities for monitoring compliance with the law;	b. mettre en place, au niveau de la direction, les modalités de suivi de la conformité à la loi;
c. guhugura abakozi mu buryo buhoraho;	c. an ongoing employee training programme;	c. un programme de formation continue des employés;
d. gushyiraho gahunda ihoraho y'igenzura kugira ngo ingamba zafashwe zikurikizwe kandi zigere ku ntego mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iri tegeko;	d. setting up a permanent audit programme to ensure the conformity and the efficiency of the adopted measures in order to apply this Law;	d. mettre en place un dispositif d'audit permanent pour s'assurer de la conformité et de l'efficacité des mesures adoptées pour appliquer la présente loi;

e. gushyiraho indi politiki urwego rugenzura rwabona ko ari ngombwa.	e. putting in place any other policy that the supervisory authority may consider necessary.	e. mettre en place une autre politique que l'autorité de supervision peut juger nécessaire.
3º kumenya no gusuzuma ingorane zishingiye ku iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi zishobora kubaho mu bijyanye na:	3º identify and assess the money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction risks that may arise in relation to:	3º identifier et évaluer les risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive qui peuvent survenir en rapport avec:
a. ikorwa ry'ibicuruzwa bishya n'uburyo bushya bwo gukora ubucuruzi, harimo n'uburyo bushya bwo kugemura ibicuruzwa;	a. the development of new products and new business practices, including new delivery mechanisms;	a. le développement de nouveaux produits et de nouvelles pratiques commerciales, y compris de nouveaux mécanismes de livraison;
b. ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rishya cyangwa rikomeza gutera imbere ku bicuruzwa bishya n'ibisanzweho;	b. the use of new or developing technologies for both new and pre-existing products;	b. l'utilisation de technologies nouvelles ou en développement pour les produits nouveaux et préexistants;
4º gusuzuma ingorane zishingiye ku bakiriya batakiriwe imbonankubone.	4º assess the risks of non-face-to-face clients.	4º évaluer les risques liés aux clients à distance.
Ingingo ya 9: Kugenzura umwirondoro w'umukiriya	**Article 9: Verifying client identification**	**Article 9: Vérification de l'identification du client**
Abashinzwe gutanga amakuru bagomba kugenzura umwirondoro w'umukiriya na nyiri umutungo nyawe:	Reporting persons must verify the client identification and beneficial owner:	Les personnes déclarantes doivent vérifier l'identification du client et le bénéficiaire effectif:

1º mbere y'uko bagirana imikoranire;	1º prior to establishing a business relationship;	1º avant d'établir des relations commerciales;
2º iyo bagiranye ibikorwa bidahoraho by'amafaranga afite agaciro karenze ikigero cyashyizweho n'Urwego;	2º when they execute occasional transactions exceeding the threshold set by the Centre;	2º lorsqu'elles exécutent des opérations occasionnelles qui dépassent le seuil fixé par le Centre;
3º iyo bohererejwe amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga hatagaragajwe neza amakuru nyayo y'uwayohereje;	3º when they receive a wire transfer that does not contain full information about the originator;	3º lorsqu'elles reçoivent un transfert électronique qui ne contient pas de renseignements complets sur le donneur d'ordre;
4º iyo hari ugukeka ko habaye iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	4º when there is suspicion of money laundering and financing of terrorism;	4º lorsqu'il existe un soupçon de blanchiment de capitaux et financement du terrorisme;
5º iyo hashidikanywa ku kuri kw'amakuru baheruka kubona ku mwirondoro w'umukiriya;	5º when they have doubts about the veracity or accuracy of the client's previously obtained identification data;	5º lorsqu'elles ont des doutes quant à la véracité ou la pertinence des informations précédemment obtenues sur l'identification du client;
6º iyo abacuruzi b'ibyuma by'agaciro n'amabuye y'agaciro bagiranye ibikorwa n'umukiriya byishyuwe ako kanya ku mafaranga angana cyangwa ari hejuru y'ikigero cyemejwe n'Urwego;	6º dealers in precious metals and dealers in precious stones when they engage in any cash transaction with a client equal to or above the amount equal or exceeding the threshold set by the Centre;	6º lorsque les négociants des métaux précieux et des minerais concluent des opérations avec le client et payent immédiatement le montant égal ou supérieur au seuil fixé par le Centre;
7º iyo abakora umwuga wo guhuza abaguzi n'abagurisha imitungo itimukanwa bagiranye ibikorwa n'abakiriya babo bijyanye no kugura	7º when real estate agents conclude transactions relating to the purchase or sale of immovable property with their clients;	7º lorsque les agents immobiliers concluent des opérations relatives à l'achat ou à la vente des biens immeubles avec leurs clients;

cyangwa kugurisha umutungo utimukanwa;		
8º iyo ba avoka, ba noteri, abandi banyamategeko b'umwuga bigenga, abacungamari, abagenzuzi b'imari n'abajyanama mu by'imisoro bategurira cyangwa bakorera abakiriya babo imirimo ijyanye n'ibikorwa bikurikira:	8º when advocates, notaries, other private professional lawyers, accountants, auditors and tax advisors prepare or conduct for their clients acts relating to the following transactions:	8º lorsque les avocats, les notaires, les autres juristes de profession libérale, les comptables, auditeurs et les conseillers en matière fiscale préparent ou exécutent pour leurs clients des actes relatifs aux opérations suivantes:
a. kugura no kugurisha imitungo itimukanwa;	a. to buy or sell immovable properties;	a. acheter ou vendre des biens immeubles;
b. gucunga amafaranga y'umukiriya, inyandiko mvunjwafaranga cyangwa indi mitungo y' umukiriya;	b. to manage a client money, negotiable instruments or other client assets;	b. gérer l'argent d'un client, des titres négociables ou d'autres biens d'un client;
c. gucunga konti zo kubikurizaho, konti zo kuzigama cyangwa z'inyandiko mvunjwafaranga;	c. to manage current, saving or negotiable instruments accounts;	c. gérer les comptes courants, les comptes d'épargne ou des comptes des titres négociables;
d. kwegeranya imigabane hagamijwe ishingwa, ikora n'icungwa ry'amasosiyete y'ubucuruzi;	d. to collect contributions for the creation, operation and management of companies;	d. collecter les apports pour la création, l'exploitation et la gestion de sociétés commerciales;
e. gushinga, gukora no gucunga imiryango ifite ubuzimagatozi cyangwa imiryango ishyirwaho hashingiwe ku mategeko kimwe no kugura no kugurisha ibigo by'ubucuruzi;	e. to create, operate and manage organisation with legal personality or legal entities and to buy and sell business entities;	e. créer, exploiter et gérer des organisations dotées de la personnalité juridique ou des entités juridiques ainsi qu'acheter et vendre des entités commerciales;

f. kugira abakiriya inama ku byerekeranye n'imisoro;	f. advise clients on tax issues;	f. conseiller les clients en matière fiscale;
9º iyo abatanga serivisi ku bigega by'ubwizerane na sosiyete z'ubucuruzi bategurira cyangwa bakorera umukiriya ibikorwa by'ubucuruzi birebana n'ibikorwa bikurikira:	9º when the trust and company service providers prepare for or carry out transactions for a client concerning the following activities:	9º lorsque les prestataires de services aux fiducies ou sociétés commerciales préparent ou effectuent des opérations pour un client concernant les activités suivantes:
a. gukora nk'umukozi ufasha abandi gushinga ibigo;	a. to act as a formation agent of legal persons;	a. agir en tant qu'agent de la constitution des personnes morales;
b. gukora nk'umuyobozi cyangwa umunyamabanga w'isosiyete y'ubucuruzi, umwe mu bagize ubufatanye cyangwa umwanya usa n'iyo mu bindi bigo bifite ubuzimagatozi;	b. to act as a director or secretary of a company, a partner of a partnership or a similar position in relation to other legal persons;	b. agir en qualité de dirigeant ou de secrétaire d'une société commerciale, d'associé d'un partenariat ou d'un poste similaire en rapport avec d'autres personnes morales;
c. gushakira isosiyete y'ubucuruzi, ubufatanye cyangwa umuryango ushingiye ku masezerano icyicaro, aderesi y'ubucuruzi cyangwa aho ikorera, kuyitegurira inyandiko ziyihuza n'abandi bantu cyangwa aderesi y'ubuyobozi;	c. to provide a registered office, business address or accommodation, correspondence or administrative address for a company, a partnership or any other legal person or arrangement;	c. fournir à une société commerciale un siège social, une adresse commerciale ou un lieu d'hébergement, une correspondance ou une adresse administrative, un partenariat ou toute autre personne morale ou construction juridique;
d. gukora nk'ucunga iby'abandi w'umwuga mu kigega cy'ubwizerane kizwi cyangwa gukora umurimo umeze nkawo mu wundi muryango ushingiye ku masezerano;	d. to act as a trustee of an express trust or performing the equivalent function for another form of legal arrangement;	d. agir en tant que fidéicommissaire d'une fiducie expresse ou exercer une fonction équivalente pour un autre type de construction juridique;

e. gukora nk'umunyamigabane washyiriweho undi muntu.	e. to act as a nominee shareholder for another person.	e. agir en qualité d'actionnaire pour le compte d'une autre personne.
Ushinzwe gutanga amakuru asabwa gukoresha ingamba z'ubushishozi ku bakiriya asanganywe ashingiye ku gaciro kabo no ku ngorane bashobora guteza, no kubanza kugenzura imikoranire yari isanzwe, hitawe ku kumenya niba ingamba z'ubushishozi ku mukiriya zarafashwe n'igihe zafatiwe n'ireme ry'amakuru yabonetse.	A reporting person is required to apply client due diligence measures to existing clients on the basis of materiality and risk, and to conduct due diligence on such existing relationships, taking into account whether and when client due diligence measures have previously been undertaken and the adequacy of data obtained.	Une personne déclarante est tenue d'appliquer des mesures de vigilance à la clientèle à l'égard des clients existants selon leur importance et risques qu'ils présentent et mener une vigilance à ces relations existantes, en tenant compte de l'existence des mesures de vigilance à la clientèle antérieure et du moment elles ont été prises ainsi que de la pertinence des informations obtenues.
Abashinzwe gutanga amakuru bagomba gukora igenzura rihoraho ku mikoranire y'ubucuruzi no gusuzuma ibikorwa muri iyo mikoranire mu rwego rwo kumenya umukiriya, ibikorwa akora ndetse n'ingorane yateza, harimo no gusuzuma inkomoko y'umutungo.	Reporting persons must conduct ongoing due diligence on the business relationship and scrutiny of transactions undertaken throughout the course of that relationship to ensure that the transactions being conducted are consistent with the institution's knowledge of the client, their business and risk profile, including, where necessary, the source of property or funds.	Les personnes déclarantes doivent exercer une vigilance constante à l'égard de la relation d'affaires et assurer un examen attentif des opérations effectuées pendant toute la durée de cette relation d'affaires, afin de s'assurer qu'elles sont cohérentes avec la connaissance qu'a l'institution financière de son client et des activités commerciales et du profil de risque de ce client, y compris, le cas échéant, l'origine des biens ou fonds.
Ingingo ya 10: Umwirondoro w' umukiriya	**Article 10: Client identification**	**Article 10: Identification du client**
Mu gihe cyo gukora ubushishozi ku mukiriya bivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko ushinzwe gutanga amakuru agomba kumenya umukiriya na nyiri umutungo nyawe agenzura inyandiko zemewe zimuranga n'andi makuru akuye ahantu hizewe.	While undertaking the client due diligence referred to in Article 9 of this Law, reporting person must identify the client and the beneficial owner by verifying official identification documents and any other information from a reliable source.	Lorsqu'il s'acquitte des obligations de diligence du client visées à l'article 9 de la présente loi, la personne déclarante doit identifier le client et le bénéficiaire effectif en vérifiant les documents d'identité officiels et

		toute autre information provenant d'une source fiable.
Umuntu uhagarariye umukiriya agomba kugaragaza ikimenyetso cy'uko akora mu izina rye, ikarita ndangamuntu cyangwa indi nyandiko yemewe imuranga.	A person acting on behalf of a client must present evidence to act on his or her behalf, as well as his or her identity card or other official identification document.	Une personne agissant au nom d'un client doit présenter des preuves de représentation, ainsi que sa carte d'identité ou tout autre document d'identification officiel.
Iyo umukiriya cyangwa umuhagarariye atujuje ibisabwa kugira ngo hagenzurwe umwirondoro we, ushinzwe gutanga amakuru ashobora kutamufungurira konti cyangwa kwanga kugirana imikoranire iyo ari yo yose n'uwo mukiriya.	When a client or a person acting on behalf of a client is unable to fulfil the requirements allowing the verification of his or her identification, the reporting person may reject to open an account or refuse any relationship with the client.	Lorsqu'un client ou une personne agissant au nom d'un client est incapable de remplir les exigences permettant la vérification de son identité, la personne déclarante peut refuser d'ouvrir un compte ou refuser toute relation avec le client.
Urwego rushyiraho ibisabwa n'ibikurikizwa mu igenzura ry'umwirondoro w'umukiriya na nyiri umutungo nyawe.	The Centre determines requirements and modalities for client and beneficial owner identification.	Le Centre détermine les conditions et les modalités d'identification du client et du bénéficiaire effectif.
Ingingo ya 11: Ubushishozi ku mukiriya udahoraho	**Article 11: Due diligence on occasional client**	**Article 11: Vigilance à un client occasionnel**
Ibiteganywa mu ngingo ya 9 n'iya 10 z'iri tegeko bikurikizwa mu kugenzura umwirondoro w'umukiriya udahoraho, mu gihe habayeho ibikorwa by'ubucuruzi bifite agaciro k'amafaranga angana nibura n'ikigero cyashyizweho n'Urwego.	Provisions of Articles 9 and 10 of this Law apply to verify the identification of the occasional client in case of transactions involving an amount equivalent to at least the threshold set by the Centre.	Les dispositions des articles 9 et 10 de la présente loi s'appliquent pour vérifier l'identification des clients occasionnels en cas d'opérations portant sur un montant au moins équivalent au seuil fixé par le Centre.
Uwo mwirondoro usabwa na none iyo habayeho igikorwa icyo ari cyo cyose gifite agaciro k'amafaranga ari munsi y'icyo	This identification is also requested for any transaction whose amount is less than this threshold if it is part of set of transactions that	Cette identification est également exigée pour toute opération dont le montant est inférieur à ce seuil si elle fait partie d'un ensemble

kigero, iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bikorwa bifitanye isano cyangwa bisa n'aho bifitanye isano, kandi igiteranyo cya byose gifite agaciro kari munsi, kangana cyangwa karenga icyo kigero.	are or seem to be linked and the total of which is less than, equal to or exceeds the threshold.	d'opérations qui sont ou semblent être liées et dont le total est inférieur, égal ou supérieur à ce seuil.
Ingingo ya 12: Ubushishozi ku mukiriya ukemangwa	**Article 12: Due diligence on a suspected client**	**Article 12: Vigilance à un client suspect**
Igihe cyose habayeho gushidikanya ko umukiriya akora mu izina rye bwite, ushinzwe gutanga amakuru agomba kumenya amakuru ku buryo bwose bushoboka kugira ngo hakorwe umwirondoro nyawo w'umuntu umukiriya akorera.	Whenever there is uncertainty as to whether the client acts on his or her personal behalf, the reporting person must by all means obtain information in order to establish the exact identification of the stakeholder on behalf of whom the client acts.	Lorsqu'il n'est pas certain qu'un client agit pour son propre compte, la personne déclarante doit se renseigner par tout moyen pour établir l'identification exacte de la partie prenante pour le compte de laquelle agit le client.
Nyuma y'igenzura, iyo gushidikanya ku mwirondoro wa nyiri umutungo nyawe bikomeje, ushinzwe gutanga amakuru akora raporo ku gikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa akayishyikiriza Urwego mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe yakiriye umukiriya.	After verification, if uncertainty persists on the identification of the beneficial owner, the reporting person makes a report on a suspicious transaction and forwards it to the Centre within twenty four (24) hours as of the time he or she receives the client.	Après vérification, si le doute persiste sur l'identification du bénéficiaire effectif, la personne déclarante fait un rapport sur une transaction suspecte et le transmet au Centre dans un délai de vingt-quatre (24) heures à compter de la réception du client.
Ingingo ya 13: Gushishoza mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki	**Article 13: Due diligence in business relationships with a politically exposed person**	**Article 13: Vigilance dans les relations d'affaires avec une personne politiquement exposée**
Mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki, abashinzwe gutanga amakuru, uretse gushyira mu	In case of business relationships with a politically exposed person, reporting persons, in addition to performing normal due diligence measures, are also required to do the following:	En cas de relations d'affaires avec une personne politiquement exposée, à part les mesures normales de vigilance, les personnes

bikorwa ingamba z'ubushishozi zisanzwe, basabwa no gukora ibi bikurikira:		déclarantes sont aussi tenues de faire ce qui suit:
1 º kugira uburyo buhamye bwo gucungana n'ibyateza ingorane mu rwego rwo kugaragaza niba umukiriya cyangwa nyiri umutungo nyawe ari umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki;	1º have appropriate risk management systems to determine whether the client or the real beneficial owner is a politically exposed person;	1 º disposer de systèmes de gestion des risques adéquats afin de déterminer si le client ou le bénéficiaire effectif est une personne politiquement exposée;
2 º kubona uruhushya ruturutse ku buyobozi bukuru bw'abashinzwe gutanga amakuru mbere yo gutangira imikoranire **y'**ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki;	2º obtain the authorization from the senior management of the reporting persons before establishing business relationships with such a politically exposed person;	2 º obtenir l'autorisation de l'autorité des personnes déclarantes avant de nouer les relations d'affaires avec une personne politiquement exposée;
3 º gufata ingamba zo kumenya inkomoko y'umutungo;	3º take reasonable measures to establish the source property or funds;	3 º prendre des mesures raisonnables pour établir l'origine des biens ou fonds;
4 º gukora igenzura ryimbitse kandi rihoraho ku mikoranire.	4º conduct enhanced ongoing monitoring of the business relationship.	4 º assurer une surveillance continue renforcée à l'égard de la relation d'affaires.
Urwego rugena imyanya y'ubuyobozi ituma abayirimo bafatwa nk'abantu bagaragara mu rwego rwa politiki.	The Centre determines administrative positions the occupants of which are considered as politically exposed persons.	Le Centre détermine les positions administratives dont les titulaires sont considérés comme des personnes politiquement exposées.
<u>Ingingo ya 14</u>: Ibigomba kubahirizwa n'ikazino	**<u>Article 14</u>: Obligations of a casino**	**<u>Article 14</u>: Exigences à un casino**
Ikazino igomba kubahiriza ibi bikurikira:	A casino must observe the following:	Le casino doit observer ce qui suit:

1º kugaragariza abayobozi bo mu nzego za Leta babishinzwe uhereye ku munsi basabiyeho gutangiza ibikorwa byabo, inkomoko yemewe y'amafaranga ya ngombwa yo kubitangiza;	1º to demonstrate to the relevant public authorities, from the day of the application for the opening their activities, the lawful origin of the funds necessary to start them;	1º prouver auprès des autorités publiques compétentes, dès la date de demande d'autorisation d'ouverture de leurs activités, de l'origine licite des fonds nécessaires pour les démarrer;
2º kwemeza neza umwirondoro w'abakinnyi bagura, bazana, bahindura tike cyangwa ibyemezo by'umukino w'amahirwe ku giciro cy'amafaranga kirenze cyangwa kingana n'ikigero cyashyizweho n'Urwego, herekanwa indangamuntu cyangwa ikindi cyangombwa cyemewe cy'umwimerere kiyisimbura kandi hakabikwa kopi yacyo;	2º to confirm the identification, upon presentation of a valid identity card or any valid original official document in lieu thereof, and of which a copy is kept, of the players who buy, bring, change chips or game tags for an amount of money superior or equal to a threshold set by the Centre;	2º confirmer l'identification, par la présentation d'une carte d'identité ou de tout document officiel original en tenant lieu, dont il est pris une copie, des joueurs qui achètent, apportent, échangent des jetons ou des plaques de jeux pour une somme supérieure ou égale au seuil fixé par le Centre;
3º kwandika ibikorwa byose bivugwa mu gace ka 2° k'iki gika ahabugenewe hakurikijwe uko byagiye bikurikirana, uko biteye n'umubare w'amafaranga wabyo, hakerekanwa amazina yose ya buri mukinnyi na nomero y'inyandiko y'umwirondoro yerekanywe;	3º to record all transactions mentioned in item 2 of this Paragraph in an appropriate register in a chronological order, depending on their nature and amount, indicating all names of each player, as well as the number of the presented identification document;	3º consigner sur un registre spécial, dans l'ordre chronologique, toutes les opérations visées au point 2° du présent alinéa, en fonction de leur nature et leur montant avec indication des noms et prénoms des joueurs, ainsi que le numéro du document d'identification présenté;
4º kwandika ahabugenewe buri hererekanya ry'amafaranga rikozwe n'ikazino hakurikijwe uko ibyo bikorwa byagiye bikurikirana.	4º to record any transfers of funds transacted between casinos in an appropriate register in a chronological order.	4º consigner dans l'ordre chronologique tous les transferts de fonds effectués entre casinos sur un registre spécial.

Igihe ikazino igenzurwa n'umuryango ufite ubuzimagatozi ufite amashami menshi, icyemezo cy'umukino w'amahirwe kigaragaza ishami ryagitanze. Uko byagenda kose, ntabwo icyemezo cy'umukino w'amahirwe cyatanzwe n'ishami rimwe gishobora kwishyurwa n'irindi shami, ryaba rikorera mu Rwanda cyangwa mu kindi gihugu.	In case a casino is controlled by a legal entity that owns several subsidiaries, the gaming chips identify the issuing branch. In no case shall the gaming chips issued by a branch be refunded by another branch, whether operating in Rwanda or in another country.	Dans le cas où le casino est contrôlé par une personne morale qui possède plusieurs filiales, les jetons de jeux portent l'identification de la filiale d'émission. En aucun cas, des jetons de jeux émis par une filiale ne peuvent être remboursés par une autre filiale, que celle-ci opère soit au Rwanda soit dans un autre pays.
Ingingo ya 15: Gukurikirana ibikorwa bimwe na bimwe ku buryo bwihariye	**Article 15: Special monitoring of certain transactions**	**Article 15: Suivi spécial de certaines opérations**
Abashinzwe gutanga amakuru basabwa kubahiriza ibi bikurikira:	Reporting persons are required to particularly observe the following:	Les personnes déclarantes sont tenues de respecter particulièrement ce qui suit:
1º gukurikiranira hafi ku buryo bwihariye ibikorwa bikomatanyije, bidasanzwe cyangwa bihanitse ku buryo bwihariye, bigaragara ko bitagamije ubukungu cyangwa bidafite intego igaragara yemewe n'amategeko. Bagomba gusuzuma neza amavu n'amavuko n'ikigamijwe n'ibyo bikorwa, bagashyira mu nyandiko ibyo babonye hanyuma bagashyikiriza raporo Urwego;	1º to pay special attention to all complex, unusual patterns of transactions or exceptionally large transactions, which have no apparent economic or visible lawful purpose. They must examine the background and purpose of such transactions, establish the findings in writing and transmit the report to the Centre;	1º porter une attention particulière à toutes les opérations complexes, inhabituelles ou exceptionnellement importantes, ou celles qui n'ont pas de cause apparente économique ou manifestement licite. Elles sont tenues d'examiner le contexte et l'objet de ces opérations, écrire les constatations faites et transmettre le rapport au Centre;
2º gukurikiranira hafi ibikorwa byo mu rwego rw'ubucuruzi abantu bari mu Rwanda bagirana n'abantu baba mu bihugu bigaragara ko, mu rwego rwo	2º to pay special attention to business relationships and transactions between persons in Rwanda with persons residing in countries which do not apply	2º porter une attention particulière aux relations d'affaires et opérations entre les personnes résidant au Rwanda et les personnes résidant dans les pays qui, en

kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, bidakurikiza cyangwa bikurikiza mu buryo butuzuye ibiteganywa n'amategeko bisa n'ibiteganyijwe muri iri tegeko.	anti-money laundering and financing of terrorism regulations or which apply insufficiently regulations equivalent to those provided for in this Law.	matière de lutte contre le blanchiment de capitaux et de financement du terrorisme, n'appliquent pas ou appliquent insuffisamment des règles équivalentes à celles prévues dans la présente loi.
Ingingo ya 16: Kumenyekanisha ibikorwa by'ubucuruzi byishyuwe kashi	**Article 16: Declaration of cash transactions**	**Article 16: Déclaration des opérations réglées au comptant**
Ushinzwe gutanga amakuru agomba kugaragariza Urwego ibi bikurikira:	A reporting person must indicate to the Centre the following:	Une personne déclarante doit signaler au Centre ce qui suit:
1º ibikorwa byose by'ubucuruzi byishyuwe kashi ku kigero kingana cyangwa kiri hejuru y'icyagenwe n'Urwego, mu buryo no mu bihe biteganywa n'amabwiriza y'Urwego;	1º all cash transactions equal or above the threshold set out by the Centre in an appropriate form and time determined by regulations set by the Centre;	1º toutes les opérations réglées au comptant égales ou supérieures au seuil fixé par le Centre sous une forme appropriée et dans les délais prescrits par les règlements établis par le Centre;
2º igikorwa cyose gifite agaciro k'amafaranga ari munsi y'ikigero kigenwa n'Urwego, iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bindi bikorwa bifitanye isano cyangwa bisa naho bifitanye isano, kandi igiteranyo cyabyo byose gifite agaciro kari munsi, kangana cyangwa karenga icyo kigero.	2º any transaction equivalent to the amount less than the threshold set by the Centre, if such a transaction is part of a whole of transactions which are or seem to be linked and the total is less, equal or exceeds the threshold.	2º toute opération dont le montant est inférieur au seuil fixé par le Centre, si elle fait partie d'un ensemble d'opérations qui sont ou semblent liées et dont le montant total est inférieur, égal ou supérieur à ce seuil.
Ingingo ya 17: Kumenyekanisha ibikorwa by'ubucuruzi bikemangwa	**Article 17: Declaration of suspicious transactions**	**Article 17: Déclaration des opérations suspectes**
Igihe cyose hari impamvu zituma ushinzwe gutanga amakuru akeka ko umutungo	Whenever a reporting person has reasonable grounds to suspect that the property or funds are	Chaque fois qu'une personne déclarante a des motifs raisonnables de soupçonner que les

ufitanye cyangwa ushobora kuba ufitanye isano n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, agomba guhita abimenyesha Urwego.	linked or likely to be linked to money laundering, financing of terrorism or financing of proliferation of weapons of mass destruction, they must report them immediately to the Centre.	biens ou fonds sont liés ou susceptibles d'être liés au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive, elle doit les déclarer immédiatement au Centre.
Iyo raporo ku bikemangwa yatanzwe hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ushinzwe gutanga amakuru ahita atanga amakuru y'inyongera abonye ashobora kwemeza cyangwa kuvanaho ibikemangwa.	Once the suspicion report is presented in accordance with provisions of Paragraph One of this Article, the reporting person also conveys without delay any additional information confirming or denying suspicion.	Une fois que la déclaration de soupçon a été présentée en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article, la personne déclarante communique également sans délai toute information complémentaire pouvant confirmer ou dissiper les soupçons.
Urwego rugena uburyo n'igihe raporo ku bikorwa bijyanye n'amafaranga bikemangwa zitangwamo.	The Centre determines modalities and time limits for submission of suspicious money transactions.	Le Centre détermine les modalités et les délais de transmission des transactions monétaires suspectes.
Ingingo ya 18: Kumenyekanisha amafaranga ku mupaka	**Article 18: Cross border cash declaration**	**Article 18: Déclaration d'espèces à la frontière**
Umuntu wese usohotse cyangwa winjiye mu Rwanda atwaye amafaranga cyangwa uwitwaje impapuro mvunjwafaranga zishyurwa uzifite birenze ikigero cyashyizweho n'Urwego agomba kubimenyekanisha ku rwego rubifitiye ububasha.	Any person who leaves or enters Rwanda transporting cash or bearer negotiable instruments of an amount above that of the threshold set by the Centre must declare them to the competent authority.	Toute personne qui quitte ou entre au Rwanda transportant des espèces ou des titres négociables au porteur d'un montant supérieur au seuil fixé par le Centre doit les déclarer à l'autorité compétente.

Ingingo ya 19: Ibanga	**Article 19: Confidentiality**	**Article 19: Confidentialité**
Ushinzwe gutanga amakuru ntashobora guhishurira abakiriya be cyangwa abandi bantu ko hari igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa amakuru bikemangwa byamenyeshejwe Urwego.	A reporting person cannot disclose to his or her clients or third parties suspicious transaction or information that has been reported to the Centre.	Une personne déclarante ne peut pas révéler à ses clients ou à des tiers une transaction ou des informations suspectes qui ont été déclarées au Centre.
Ingingo ya 20: Kubika inyandiko	**Article 20: Record-keeping**	**Article 20: Conservation des documents**
Abashinzwe gutanga amakuru babika inyandiko ku buryo bukurikira:	Reporting persons keep records as follows:	Les personnes déclarantes conservent les documents comme suit:
1º inyandiko zirimo amakuru ajyanye n'imyirondoro bamenye mu gihe cy'igenzura ry'abakiriya, zibikwa nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) nyuma y'uko imikoranire n'umukiriya mu rwego rw'ubucuruzi irangiye. Iyo ari umukiriya udahoraho, icyo gihe cy'imyaka icumi (10) kibarwa uhereye igihe igikorwa bakoranye cyarangiriye;	1º records on the identification data obtained through the client verification process are kept for a period of at least ten (10) years after the end of the business relationships. In the case of an occasional client, the ten (10) year period starts from the conclusion of the transaction;	1º des données d'identification obtenues dans le cadre de vérification des clients sont conservées pendant au moins dix (10) ans après l'expiration des relations d'affaires. Dans le cas d'un client occasionnel, la période de dix (10) ans est calculée dès l'achèvement de l'opération;
2º inyandiko zose za ngombwa z'ibikorwa byaba ibyo mu gihugu cyangwa mu rwego mpuzamahanga zibikwa nibura mu gihe kingana n'imyaka icumi (10);	2º all necessary records on transactions at the national or international level are kept for a period of at least ten (10) years;	2º toutes les pièces nécessaires se rapportant aux opérations, tant nationales qu'internationales sont conservées pendant au moins dix (10) ans;
3º ibyavuye mu isesengura n'isuzuma ry'ibikorwa by'ubucuruzi bibikwa nibura mu gihe kingana n'imyaka icumi (10);	3º findings of analysis and examination of transactions are kept for at least ten (10) years;	3º des résultats d'analyse et d'examen des opérations sont conservés pendant au moins dix (10) ans;

4º ibitabo by'amakonti n'amabaruwa y'ubucuruzi bibikwa nibura mu gihe kingana n'imyaka icumi (10) nyuma y'uko imikoranire n'umukiriya irangiye;	4º accounts books and business correspondences are kept for a period of at least ten (10) years after the end of the relationships with the client;	4º des livres de comptes et les correspondances commerciales sont conservés pendant une période d'au moins dix (10) ans à compter de la fin des relations avec le client;
5º inyandiko zivugwa mu gace ka 3° n'aka 4° tw'ingingo ya 14 y'iri tegeko zibikwa nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) uhereye igihe igikorwa cyangwa ihererekanya rya nyuma ry'amafaranga rikozwe n'ikazino.	5º documents mentioned in items 3° and 4° of Article 14 of this Law are kept for a period of at least ten (10) years since the record of the last transaction or transfer of funds carried out by a casino.	5º les documents visés aux points 3° et 4° de l'article 14 de la présente loi sont conservés pendant au moins dix (10) ans à compter de l'enregistrement de la dernière transaction ou transfert de fonds effectué par un casino.
Inyandiko n'amakuru bivugwa muri iyi ngingo bihabwa urwego rubifitiye ububasha rukimara kubisaba.	Records and information provided for in this Article are immediately given to the competent authority that request them.	Des documents et informations prévus au présent article sont immédiatement communiqués à l'autorité compétente qui les demande.
Ingingo ya 21: Guhererekanya amakuru	**Article 21: Exchange of information**	**Article 21: Échange d'informations**
Inzego zibifitiye ububasha zifite inshingano yo guhanahana amakuru ajyanye no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga, hitawe ku nshingano yo kutamena ibanga ku bahabwa amakuru.	Competent authorities have obligation to share information on anti-money laundering countering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction on both domestic and international levels, based on the obligation of confidentiality by the receiving persons.	Les autorités compétentes sont tenues de partager des informations sur le plan national et international en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, sur base de l'obligation de confidentialité des personnes destinataires d'informations.

Ingingo ya 22: Gusonerwa uburyozwe	**Article 22: Exemption of liability**	**Article 22: Exonération de la responsabilité**
Uburyozwacyaha cyangwa uburyozwe bw'indishyi n'ubwo mu rwego rw'akazi ntibushobora kubaho ku bantu bakurikira:	No proceedings of penal, civil or professional liability can be brought against:	Aucune action en responsabilité pénale, civile ou professionnelle ne peut être intentée contre:
1º abashinzwe gutanga amakuru, abagize inama y'ubutegetsi, abakozi bo ku rwego rw'ubuyobozi n'abakozi mu gihe batanze amakuru cyangwa raporo ziteganywa n'iri tegeko, batagambiriye inabi, kabone niyo ipererezacyangwa icyemezo cy'urukiko ntawe byaba byagaragaje ukwiye kuryozwa icyaha;	1º reporting persons, members of the Board of Directors, executive officers and employees, without any bad faith, who have transmitted information or submitted the reports provided for in this Law, even if the investigations or the court orders did not result in any conviction;	1º les personnes déclarantes, les membres du Conseil d'administration, les membres de la direction et employés, qui, sans aucune mauvaise foi, ont donné des informations ou transmis les rapports prévus par la présente loi, même si les investigations ou les décisions judiciaires n'ont abouti à aucune condamnation;
2º abashinzwe gutanga amakuru, abagize inama y'ubutegetsi, abakozi bo ku rwego rw'ubuyobozi n'abakozi bitewe n'iyangirika ry'ibintu bifatika cyangwa bidafatika biturutse ku guhagarika igikorwa cy'ubucuruzi.	2º reporting persons, members of the Board of Directors, executive officers and employees due to material or non-material damages resulting from the freezing of a transaction.	2º les personnes déclarantes, les membres du Conseil d'administration, les membres de la direction et employés, en raison de dommages matériels ou non matériels résultant du gel d'une opération.
Ingingo ya 23: Guhererekanya amafaranga	**Article 23: Money transfer**	**Article 23: Transfert de fonds**
Ihererekanya ry'amafaranga ryose cyangwa inyandiko mvunjwafaranga bijya cyangwa biva mu mahanga bigeze ku mubare w'amafaranga ungana nibura n'ikigero cyashyizweho n'Urwego, rikorwa binyujijwe ku bigo by'imari byemerewe guhererekanya amafaranga cyangwa ababihagarariye.	Any transfer of money or negotiable instruments destined for or coming from a foreign country, of an amount at least equal to a threshold set by the Centre, is performed by the intermediary of financial institutions authorised to transfer money or their agents.	Tout transfert de fonds ou de titre, à destination ou en provenance d'un pays étranger, d'un montant au moins égal à un seuil fixé par le Centre est effectué par l'intermédiaire des institutions financières autorisées pour le transfert d'argent ou leurs agents.

Ibigo by'imari byemerewe guhererekanya amafaranga cyangwa ababihagarariye bagaragaza, mu ihererekanya ry'amafaranga rikoresha uburyo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo, amakuru nyayo yerekeye uwasabye gukorerwa uwo murimo ndetse n'andi makuru afitanye isano na yo. Ayo makuru aherekeza inzira y'ihererekanya ry'amafaranga kugeza habaye iyishyurwa.	Financial institutions authorised to transfer money or their agents include accurate payer's information in money transfer, in electronic or other form, along with any other related information. This information goes along with the transfer throughout the payment chain.	Les institutions financières autorisées pour le transfert de fonds ou leurs agents indiquent, dans le transfert de fonds, sous forme électronique ou autre, des renseignements exacts sur le donneur d'ordre ainsi que toute autre information connexe. Ces renseignements accompagnent la chaîne du transfert de fonds jusqu'au paiement.
Urwego rugena amakuru asabwa uwishyura kugira ngo ikigo cy'imari gishobore gukora ihererekanya ry'amafaranga.	The Centre determines the payer's information required for a financial institution to conduct money transfer.	Le Centre détermine les informations requises au payeur par une institution financière pour effectuer un transfert de fonds.
Ingingo ya 24: Gukorera mu mucyo	**Article 24: Transparency**	**Article 24: Transparence**
Inzego zifite mu nshingano kwandika imiryango ifite ubuzima gatozi cyangwa imiryango ishingiye ku masezerano zigomba kuba zifite amakuru anoze, agezweho kandi agendanye n'igihe kuri ba nyiri umutungo ndetse n'abafite umugabane munini mu miryango ishingiye ku masezerano. Ayo makuru agomba kugerwaho mu gihe cyihuse n'inzego zibifitiye ububasha n'abashinzwe gutanga amakuru.	Authorities in charge of registration of legal persons or legal arrangement must ensure that they maintain adequate, accurate and timely information on the beneficial ownership and control of legal persons and legal arrangements. That information must be obtained or accessed in a timely fashion by competent authorities and reporting persons.	Les autorités ayant l'enregistrement des personnes morales et constructions juridiques dans leurs attributions doivent maintenir des informations satisfaisantes, exactes et à jour sur les bénéficiaires effectifs et sur le contrôle des personnes morales et constructions juridiques. Ces informations doivent être obtenues ou accessibles en temps opportun par les autorités compétentes et les personnes déclarantes.

Ingingo ya 25: Guca banki za baringa na konti zitagira amazina no gufata izindi ngamba zikumira	**Article 25: Prohibition of shell banks and anonymous accounts and taking of other preventive measures**	**Article 25: Interdiction des banques fictives et des comptes anonymes et prise d'autres mesures de prévention**
Mu guca banki za baringa na konti zitagira amazina, ingamba zo gukumira zikurikira zigomba kubahirizwa:	To prohibit the shell banks and anonymous accounts, the following preventive measures must be observed:	Pour interdire les banques fictives et les comptes anonymes, les mesures de prévention suivantes doivent être observées:
1º abashinzwe gutanga amakuru bagomba kuba bagaragara kugira ngo bemererwe gukorera ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;	1º reporting persons must be physically present in order to be authorized to operate on the territory of the Republic of Rwanda;	1º les personnes déclarantes doivent être physiquement présentes pour être agréées à mener leurs activités sur le territoire de la République du Rwanda;
2º abashinzwe gutanga amakuru ntibagomba kugirana imikoranire y'ubucuruzi n'ibigo byanditse ahantu kandi bitahagaragara;	2º reporting persons must not establish business relationships with institutions registered in places where they are not physically present;	2º les personnes déclarantes ne doivent pas entretenir des relations d'affaires avec les institutions enregistrées dans des lieux où elles ne sont pas physiquement présentes;
3º abashinzwe gutanga amakuru ntibagomba gufungura cyangwa kugira konti zitagira amazina ya ba nyirazo, konti zigizwe n'imibare gusa, cyangwa konti z'amazina atagaragara cyangwa atari yo;	3º reporting persons must not open or maintain anonymous or digitised accounts, nor accounts with invisible or with incorrect names;	3º les personnes déclarantes ne doivent pas ouvrir ni tenir des comptes anonymes ou numérisés ni des comptes avec des noms invisibles ou incorrects;
4º abashinzwe gutanga amakuru bagomba gusuzuma niba ibigo by'imari bakorana na byo byubahiriza ingamba zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	4º reporting persons must ensure that their respondent financial institutions comply with measures to counter money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	4º les personnes déclarantes doivent veiller à ce que leurs institutions clientes se conforment aux mesures de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le

		financement de la prolifération des armes de destruction massive;
5º abashinzwe gutanga amakuru bagomba gusuzuma ko konti ziri mu bigo by'imari bakorana na byo zidakoreshwa na banki za baringa.	5º reporting persons must ensure that accounts opened in respondent financial institutions are not used by shell banks.	5º les personnes déclarantes doivent veiller à ce que les comptes se trouvant dans les institutions financières clientes ne sont pas utilisés par les banques fictives.
Ingingo ya 26: Inshingano z'urwego rugenzura	**Article 26: Responsibilities of the supervisory authority**	**Article 26: Attributions de l'autorité de supervision**
Urwego rugenzura rugomba:	The supervisory authority must:	L'autorité de supervision doit:
1º kugenzura niba ushinzwe gutanga amakuru yubahiriza ibikubiye muri iri tegeko;	1º ensure that a reporting person complies with the provisions of this Law;	1º s'assurer qu'une personne déclarante respecte les dispositions de la présente loi;
2º gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi k'ushinzwe gutanga amakuru utuzuza inshingano ze ziteganywa n'iri tegeko;	2º determine administrative sanctions against any reporting person who does not fulfil his or her responsibilities as provided by this Law;	2º déterminer des sanctions administratives contre toute personne déclarante qui ne s'acquitte pas de ses attributions telles que prévues par la présente loi;
3º gushyiraho amabwiriza yerekeye kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amahame mpuzamahanga yemewe;	3º issue regulations on anti-money laundering, countering the financing of terrorism or the financing of proliferation of weapons of mass destruction in accordance with the provisions of this Law and recognised international principles;	3º émettre des règlements sur la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, conformément aux dispositions de la présente loi et aux normes internationales reconnues;

4º gutegeka gutanga cyangwa kwemererwa kugera ku nyandiko cyangwa amakuru ajyanye no kugenzura iyubahirizwa ry'iri tegeko n'amabwiriza.	4º compel production of or obtain access to all records, documents or information relevant to monitoring compliance to this Law and regulations.	4º exiger la production ou l'accès à tous les enregistrements, documents ou informations nécessaires pour le suivi de la conformité à la présente loi et aux règlements.
UMUTWE WA III: INAMA MPUZABIKORWA	**CHAPTER III: COORDINATION COUNCIL**	**CHAPITRE III: CONSEIL DE COORDINATION**
Ingingo ya 27: Ishyirwaho ry'Inama Mpuzabikorwa	**Article 27: Establishing a Coordination Council**	**Article 27: Création d'un Conseil de coordination**
Hashyizweho Inama Mpuzabikorwa ishinzwe guhuza ibikorwa byerekeye gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	There is established a Coordination Council in charge of coordinating activities for the purpose of preventing and countering money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction.	Il est créé un Conseil de coordination chargé de coordonner les activités à des fins de prévenir et combattre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive.
Iteka rya Perezida rigena abagize Inama Mpuzabikorwa, imiterere n'imikorere yayo.	A Presidential Order determines the members of the Coordination Council as well as its organization and functioning.	Un arrêté présidentiel détermine les membres du Conseil de coordination ainsi que son organisation et son fonctionnement.
Ingingo ya 28: Inshingano z'Inama Mpuzabikorwa	**Article 28: Mission of the Coordination Council**	**Article 28: Mission du Conseil de coordination**
Mu rwego rwo gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi Inama Mpuzabikorwa ifite inshingano zikurikira:	In order to prevent and counter money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction, the Coordination Council has the following responsibilities:	Pour prévenir et combattre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, le Conseil de coordination a les attributions suivantes :

1° gutegura ingamba, politiki n'ibikorwa;	1° to devise strategies, policies and actions;	1° élaborer les stratégies, les politiques et les actions ;
2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba na politiki;	2° to monitor the implementation of strategies and policies;	2° faire le suivi de l'exécution des stratégies et des politiques ;
3° guhuza ibikorwa no guhanahana amakuru hagati y'abayigize n'izindi nzego.	3° to coordinate activities and exchange information between its members and other institutions.	3° coordonner les activités et échanger les informations entre ses membres et les autres institutions.
UMUTWE WA IV: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER IV: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE IV: INFRACTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 29: Iyezandonke	**Article 29: Money laundering**	**Article 29: Blanchiment de capitaux**
Umuntu ukoze ibikorwa by'iyezandonke bivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, agace ka 9° cyangwa ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora kimwe mu bikorwa by'iyezandonke, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'amafaranga y'iyezandonke.	A person who carries out money laundering acts referred to in Article 3, Item 9° of this Law, or who is involved in an association aiming at committing one of the acts of money laundering, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years but not more than ten (10) years and a fine of Rwandan francs of three (3) to five (5) times the amount of money laundered.	Une personne qui accomplit des actes de blanchiment de capitaux visés à l'article 3 point 9° de la présente loi ou celle qui est impliquée dans une association visant à commettre l'un des actes de blanchiment de capitaux, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais ne dépassant pas dix (10) ans et d'une amende de francs rwandais de trois (3) à cinq (5) fois le montant d'argent blanchi.
Umuntu ukora igikorwa kigamije gufasha undi muntu kubona umugabane ku mutungo wakoreweho iyezandonke w'umuntu ukora iterabwoba cyangwa ushobora gukora iterabwoba, hakoreshejwe guhisha umutungo,	A person who facilitates another person to benefit from laundered property or funds of a terrorist or of someone who may be a terrorist, by concealing, shifting from one place to another, transferring to other people the	Une personne qui facilite autrui à avoir une part sur les biens ou fonds blanchis d'un terroriste ou d'une personne soupçonnée de terroriste, en recourant à la dissimulation, au transfert de ces biens ou fonds d'une place à

kuwimura uwuvana ahantu hamwe uwujyana ahandi, kuwimurira ku bandi bantu cyangwa mu bundi buryo bwose bufitanye isano n'ubwavuzwe muri iyi ngingo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).	property or funds or by any other way related to that which is referred to in this Article, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years but not more than fifteen (15) years.	une autre ou d'une personne à une autre ou en usant de tout autre moyen connexe à celui visé au présent article, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais ne dépassant pas quinze (15) ans.
Ingingo ya 30: Gutera inkunga iterabwoba	**Article 30: Terrorism financing**	**Article 30: Financement du terrorisme**
Umuntu ukora ibikorwa byo gutera inkunga iterabwoba bivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, agace ka 3° cyangwa ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora kimwe mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'umubare w'amafaranga y'inkunga ye.	A person who carries out acts of terrorism financing referred to in Article 3 Item 3° of this Law or who is involved in an association aiming at committing one of the acts of financing terrorism commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years but not more than twenty-five (25) years and a fine of Rwandan francs of three (3) to five (5) times the amount of money given.	Une personne qui accomplit des actes de financement du terrorisme visés à l'article 3 point 3° de la présente loi ou celle qui est impliquée dans une association visant à commettre l'un des actes de financement du terrorisme, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais ne dépassant pas vingt-cinq (25) ans et d'une amende de francs rwandais de trois (3) à cinq (5) fois le montant d'argent donné.
Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni byo bihabwa umuntu ukora cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka amafaranga, undi mutungo, gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba.	The penalties referred to in Paragraph One of this Article apply to a person who knowingly makes an agreement or has interest in it in order to acquire funds or any other assets, or enables another person to acquire money or support, knowing or having reasonable grounds to believe that they can be used for terrorist purpose.	Les peines mentionnées à l'alinéa premier du présent article s'appliquent à la personne qui contracte ou bénéficie du contrat ayant pour objet l'obtention de fonds ou d'autres biens ou leur transfert à un tiers, alors qu'elle sait ou a des raisons fondées de croire qu'ils vont servir à des fins terroristes.

Ingingo ya 31: Gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi	**Article 31: Financing the proliferation of weapons of mass destruction**	**Article 31: Financement de la prolifération des armes de destruction massive**
Umuntu ukora ibikorwa byo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi bivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, agace ka 2°, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshanu (5) kugeza ku icumi (10) z'amafaranga yatanze.	A person who carries out acts of financing the proliferation of weapons of mass destruction acts referred to in article 3 Item 2° of this Law, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years but not more than twenty (20) years and a fine of Rwandan francs of five (5) to ten (10) times the amount of money given.	Une personne qui accomplit des actes de financement de la prolifération des armes de destruction massive visés à l'article 3 point 2° de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais ne dépassant pas vingt (20) ans et d'une amende de francs rwandais de cinq (5) à dix (10) fois l'argent donné.
Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni byo bihabwa umuntu ukora cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka umutungo cyangwa se gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa mu bikorwa byo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	The penalties referred to in Paragraph One of this Article apply to a person who knowingly makes an agreement or has interest in it in order to acquire property or funds or enables another person to acquire money or support, knowing or having reasonable grounds to suspect that they can be used for proliferation of weapons of mass destruction.	Les peines mentionnées à l'alinéa premier du présent article s'appliquent à une personne qui conclut sciemment un accord ou y a intérêt pour acquérir des biens ou fonds ou permet à une autre personne d'acquérir de l'argent ou un soutien, sachant ou ayant des motifs raisonnables de suspecter qu'ils peuvent être utilisés dans le but de la prolifération des armes de destruction massive.
Ingingo ya 32: Ibihano biteganyirijwe umuryango ufite ubuzimagatozi	**Article 32: Penalties against a legal entity**	**Article 32: Peines applicables contre une personne morale**
Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umuryango ufite ubuzimagatozi ukora ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa ikwirakwiza ry'intwaro	Without prejudice to provisions of other laws, a legal entity that conducts money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of mass destructions acts through	Sans préjudice des dispositions d'autres lois, une personne morale qui effectue le blanchiment de capitaux, financement du terrorisme et le financement de la prolifération

za kirimbuzi ukoresheje abawuhagarariye cyangwa abanyamuryango, uba ukoze icyaha. Iyo ubihamijwe n'urukiko uhanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda angana n'inshuro kuva ku icumi (10) kugeza kuri makumyabiri (20) z'agaciro k'amafaranga y'iyezandonke cyangwa y'inkunga yabyo, bitabujije ko ababihagarariye na bo bahanwa nk'ibyitso.	their representatives or members, commits an offence. Upon conviction, it is liable to a fine of Rwandan francs of ten (10) to twenty (20) times the amount of money laundered or given, without prejudice to the liability for complicity of its representatives.	des armes de destruction massive par l'intermédiaire de ses représentants ou de ses membres, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende de francs rwandais de dix (10) à vingt (20) fois le montant d'argent blanchi ou donné, sans préjudice de la condamnation de ses représentants pour complicité.
Icyemezo cy'urukiko gitanga igihano gitangazwa mu binyamakuru no mu bundi buryo bwose bukoreshwa mu itangazamakuru.	The court's decision stating the penalties is published in newspapers and through any other means used by the media.	La décision judiciaire de condamnation est publiée dans la presse écrite et par toute autre voie utilisée par les médias.
Ingingo ya 33: Impamvu nkomezacyaha	**Article 33: Aggravating circumstances**	**Article 33: Circonstances aggravantes**
Ibihano bivugwa mu ngingo ya 29, iya 30 n'iya 31 byikuba kabiri iyo:	Penalties mentioned in Articles 29, 30 and 31 of this Law are doubled:	Les peines visées aux articles 29, 30 et 31 de la présente loi sont portées au double:
1 º icyaha cy'ibanze gihanishwa igifungo kiruta ikivugwa mu ngingo ya 29, iya 30 n'iya 31;	1º if the predicate offence is punishable by a term of imprisonment higher than the one in Articles 29, 30 and 31 of this Law;	1 º lorsque l'infraction principale est punissable d'un emprisonnement d'une durée supérieure à celle prévue aux articles 29, 30 et 31 de la présente loi;
2 º icyaha gikozwe nk'umwuga;	2º if the offence is committed as an occupation;	2 º lorsque l'infraction est perpétrée comme profession;
3 º icyaha gikozwe mu rwego rw'ubufatanyacyaha bwateguwe;	3º if the offence is committed within the framework of an organised criminal conspiracy;	3 º lorsque l'infraction est perpétrée dans le cadre d'une entente criminelle organisée;
4 º habaye isubiracyaha.	4º in case of recidivism.	4 º en cas de récidive.

Ingingo ya 34: Impamvu nyoroshyacyaha	**Article 34: Mitigating circumstances**	**Article 34: Circonstances atténuantes**
Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 29, iya 30 n'iya 31 z'iri tegeko bishobora kugabanywa, iyo uwakoze icyaha atanze amakuru atashoboraga kuboneka ku bundi buryo afasha gukumira cyangwa kugabanya ingaruka z'icyaha, kumenya cyangwa gushyikiriza ubutabera abakoze icyaha, kubona ibimenyetso cyangwa kuburizamo ikorwa ry'ibindi byaha biteganyijwe mu ngingo ya 29, iya 30 n'iya 31 z'iri tegeko.	Without prejudice to the provisions of other laws, the penalties provided for in Articles 29, 30 and 31 of this Law can be reduced when the author of the offence has provided information which would have not obtained otherwise, which helps to prevent or limit the effects of the offence, identify or take legal action against offenders, find evidence or prevent the commission of other offences provided for in Articles 29, 30 and 31 of this Law.	Sans préjudice des dispositions d'autres lois, les peines prévues aux articles 29, 30 et 31 de la présente loi peuvent être réduites lorsque l'auteur de l'infraction a fourni les informations qui n'aurait pas été obtenues autrement, les aidant à prévenir ou à limiter les effets de l'infraction, à identifier ou à traduire en justice les auteurs de l'infraction, à trouver des preuves ou à prévenir la commission d'autres infractions prévues aux articles 29, 30 et 31 de la présente loi.
Ingingo ya 35: Ibihano ku bindi byaha bifitanye isano n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi	**Article 35: Penalties for other offences related to money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction**	**Article 35: Peines pour d'autres infractions liées au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive**
Umuntu, mu rwego rw'imirimo akora yo kuyobora, kugenzura cyangwa gutanga inama ku byerekeranye no kubitsa, kuvunja, gushora imari, cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwimura amafaranga cyangwa indi mitungo:	A person who, in the exercise of his or her duties of managing, supervising or providing advice on deposit, currency exchange, investment or using any other means of transfer of funds or any other property:	Une personne qui, dans l'exercice de ses fonctions de dirigeant, de superviseur, de conseiller en matière de dépôt, de conversion de monnaie, d'investissement ou d'utilisation de tout autre moyen de transfert de fonds ou de tout autre bien:
1° umenera ibanga abandi bantu ku byerekeye ibikorwa bikemangwa byagaragarijwe Urwego mu rwego rw'imirimo ye;	1° reveals to third parties, the suspicious transactions report made to the Centre, in the context of the execution of his or her activities;	1° révèle aux tiers les déclarations d'opérations suspectes faites au Centre, dans le cadre de l'exécution de ses activités;

2 º wangiza cyangwa urigisa abizi inyandiko zibitswe;	2º knowingly destroys or makes disappear records or documents filed;	2 º détruit ou soustrait sciemment des registres ou documents conservés;
3 º ukora cyangwa ugerageza gukora ibikorwa bisabirwa umwirondoro akoresheje umwirondoro utari wo;	3º performs or attempts to perform under a false identification, the transactions for which the declaration of identification is prescribed;	3 º réalise ou tente de réaliser, sous une fausse identification, les opérations pour lesquelles la déclaration de l'identification est prescrite;
4 º umenyeshwa iby'ubutasi ku iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku bw'umurimo akora agakoresha uburyo bwose bwo kuburira abantu bakorwaho ubutasi;	4º having been informed because of his or her office or profession, of an intelligence for money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction informs, by all means, the persons subject to the intelligence;	4 º ayant eu connaissance en raison de ses fonctions ou de sa profession, des renseignements pour des faits de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive, en informe, par tous moyens, les personnes visées par les renseignements;
5 º utangariza ubutabera cyangwa abandi bakozi ba Leta babifitiye ububasha inyandiko azi ko zituzuye cyangwa azi ko zirimo amakosa;	5º communicates to judicial authorities or to the competent civil servants, documents that he or she knows are truncated or erroneous;	5 º communique aux autorités judiciaires ou aux fonctionnaires compétents, des documents qu'elle sait tronqués ou erronés;
6 º urenga ku mategeko ajyanye n'ibanga ry'amakuru yakusanyijwe, abuza kuyahishurira undi keretse mu bihe biteganywa n'iri tegeko;	6º disregards the rules related to the secrecy of information collected, to the prohibition to reveal them or communicate them except in the cases provided for in this Law;	6 º viole les règles relatives au secret des informations recueillies, à l'interdiction de les divulguer ou les communiquer hors les cas prévus par la présente loi;
7 º udatanga raporo z'ibikorwa bikemangwa kandi imiterere y'ibyo bikorwa yatumye hakekwa ko amafaranga yaba yaraturutse kuri kimwe mu byaha bifitanye isano	7º does not submit the suspicious transactions report, despite the fact that the circumstances of the transactions lead to deduce that the funds could come from one	7 º ne fait pas la déclaration d'opérations suspectes alors que les circonstances de l'opération amenaient à déduire que les fonds auraient pu provenir d'une des

n'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	of the offences related to money laundering and to financing of terrorism;	infractions liées au blanchiment de capitaux et au financement du terrorisme;
8 º wishyura cyangwa wemera kwishyurwa kashi umubare w'amafaranga uri hejuru y'ikigero cyashyizweho n'Urwego;	8º makes or accepts payments in cash for the amount of money which is higher than the threshold set by the Centre;	8 º effectue ou accepte des règlements en espèces pour un montant supérieur au seuil fixé par le Centre;
9 º wica amategeko ajyanye n'ihererekanya ry'amafaranga mu rwego mpuzamahanga;	9º violates the rules related to the international transfer of funds;	9 º contrevient aux règles relatives aux transferts internationaux de fonds;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo ahamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).	Upon conviction of one of the acts mentioned in Paragraph One of this Article, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but not more than five (5) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).	Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'un des actes mentionnés à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais ne dépassant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).
Ingingo ya 36: Ubunyagwe	**Article 36: Confiscation**	**Article 36: Confiscation**
Igihe uregwa yahamwe n'icyaha giteganywa n'iri tegeko, urukiko rutegeka ko habaho ubunyagwe bw'imitungo ikurikira:	In case of a conviction for an offence provided for in this Law, the court orders the confiscation of the following assets:	En cas de condamnation pour une infraction prévue par la présente loi, la juridiction ordonne la confiscation des biens suivants:
1 º umutungo ukomoka ku cyaha harimo ibyabyawe n'uwo mutungo n'izindi nyungu zose zawukomotseho hatitawe	1º property or funds emanating from the offence, including revenues and other advantages which were drawn from it,	1 º les biens ou fonds émanant de l'infraction, y compris les revenus et autres avantages qui en ont été tirés, à quelque personne

ku muntu uwutunze keretse nyiri umutungo agaragaje ko yawubonye mu buryo nyabwo;	whoever the owner may be, unless their beneficial owner establishes that he or she acquired them in good faith;	qu'ils appartiennent, à moins que leur bénéficiaire effectif n'établisse qu'il les a acquis de bonne foi;
2 º umutungo ufitwe mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'uwahamwe n'icyaha, keretse agaragaje inkomoko yawo yemewe n'uburenganzira awufiteho.	2º property or funds belonging, directly or indirectly, to a person convicted, unless he or she establishes its licit origin and his or her property right.	2 º les biens ou fonds appartenant, directement ou indirectement, à une personne condamnée, à moins qu'elle établisse l'origine licite ainsi que son droit de propriété.
Icyemezo cy'ubunyagwe kigaragaza uwo mutungo n'ibisobanuro bya ngombwa by'uko uteye n'aho uri.	The decision of confiscation indicates the concerned property or funds and the details necessary for their identification and location.	La décision de la confiscation désigne les biens ou fonds concernés et donne les précisions nécessaires pour leur identification et localisation.
UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 37: Ikimenyetso cy'ubushake bwo gukora icyaha	**Article 37: Evidence of criminal intent**	**Article 37: Preuve de l'intention criminelle**
Kumenya, gushaka cyangwa kugambirira ikorwa ry'icyaha bisabwa mu bigize icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi bishobora guturuka ku bimenyetso bicukumbuye bishingiye ku kintu kizwi kugira ngo hagaragazwe ikitazwi.	Knowledge, intent or purpose required as an element of the offence of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction can be inferred from objective factual circumstances to discern an unknown fact.	La connaissance, l'intention ou l'objet requis en tant qu'élément constitutif de l'infraction de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive peuvent être déduits des circonstances factuelles objectives pour discerner un fait inconnu.

Ingingo ya 38: Kutabanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze Mu gukurikirana icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi si ngombwa ko uregwa abanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze.	**Article 38: Non-requirement of prior conviction of predicate offence** When prosecuting the offence of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction it is not required that the suspect be first convicted of a predicate offence.	**Article 38: Non exigence de condamnation préalable d'une infraction principale** Lors de la poursuite de l'infraction de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive, il n'est pas nécessaire que le suspect soit d'abord reconnu coupable d'une infraction principale.
Ingingo ya 39: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	**Article 39: Drafting, consideration and adoption of this Law** This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	**Article 39: Initiation, examen et adoption de la présente loi** La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko Itegeko nº 69/2018 ryo kuwa 31/08/2018 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.	**Article 40: Repealing provision** Law n° 69/2018 of 31/08/2018 on prevention and penalizing the crime of money laundering and terrorism financing and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	**Article 40: Disposition abrogatoire** La Loi n° 69/2018 du 31/08/2018 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**Article 41: Commencement** This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**Article 41: Entrée en vigueur** La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Kigali, ku wa 29/01/2020 (Sé) **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika	Kigali, on 29/01/2020 (Sé) **KAGAME Paul** President of the Republic	Kigali, le 29/01/2020 (Sé) **KAGAME Paul** Président de la République
(Sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe	(Sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Prime Minister	(Sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: (Sé) **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta	**Seen and sealed with the Seal of the Republic:** (Sé) **BUSINGYE Johnston** Minister of Justice/Attorney General	**Vu et scellé du Sceau de la République :** (Sé) **BUSINGYE Johnston** Ministre de la Justice/Garde des Sceaux